

INYIGISHO YA BURI MUNSI

IGICE CYA 2

Mata - Gicurasi - Kamena

2024

# Inkuru Nziza

BURI MUNSI

**NTA KIGUZI**

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

ITYI NYIGISHO YAMAZE

KWISHYURWA

N'ABAFATANYABIKORWA

KUGIRA NGO ISAKAZWE KU

BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

*Uebert & BeBe*  
**ANGEL**



## UEBERT & BEBE ANGEL

Hamwe n'imyaka myinshi bamaze mu murimo, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutanga za Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki y'Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, n'ibindi. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.



**Ibyahishuwe 3:20**

**Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakin-gura urugi, nzinjira iwe dusangire.'**

Isomo rikomeye nifuza ko buri wese akura muri uyu murongo nuko Umwami Yesu Kristu atari gukomanga ku rugi rw'urusengerero; ari gukomanga ku mutima wawe.

Uyu murongo ntuvuga Niba Itorero rizafugurira imiryango yayo mu guhatiriza kw'Imana, ahubwo uyu murongo utubwira ko umuhamagaro ari uw'umuntu ku giti cye. Abantu nibo bafungura inzugi z'imitima yabo. Kuba ubarizwa mu rusengerero kandi ufite n'ibyo ushinzwe ntabwo byemeza ko ufite ubusabane n'Imana. Rero, uburyo bwonyine itorero ry'Imana ryatungana

ni uko buri wese asoma bino akabyumva neza. Wibuke ko Itorero atari inzu y'urusengerero; ahubwo Itorero ni wowe na njye . Muri uyu mwaka w'amata n'ubuki, emerera iri hishurirwa ribe impamo mu buzima bwawe mu Izina rya Yesu!

Fungura urugi rw'umutima wawe. Arimo gukomanga!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umutima wange usesekara ibyiza kandi ugafungurira Data wo mu ijuru ngo awuturemo. Niteguriye umubano wimbitse ngiye kugirana na we uhereye none. Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 10:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

1 Abacamanza 6-7Ufungure urugi rw'umutima wawe. Arakomanga!





**Yakobo 2:17**

**Uko ni ko no kwizera iyo kudafite imirimo, ahubwo kuri konyine kuba gupfuye.**

Tekereza gato ukuntu umubyeyi aya gukora, akihiringa kugira ngo umwana we abone ubuzima bwiza, maze uwo mwana agasabiriza nkutagira abamwitaho. Ikibabaje nuko ibyo bihuye n'ubuzima bwa bamwe mu bana b'Imana. Babaho nk'abakenye kandi amaraso y'i Bwami atemba mu mitsi yabo.

Urabona, iyo uhawe ijambo nk'urugero rijyanye n' ubutunzi, ubuzima cyangwa ubucuruzi bwawe, ni ngombwa ko ukurikizaho ibikorwa nyabyo birishyigikira. Iyo ntacyo urikozeho, uko wari ubayeho ntibihinduka bityo ukabaho

ufishimye.

Menya ko Ijambo ry'Imana rifite imbaraga ryo guhindura ibyo uri kunyuramo kandi wumvire icyo rigusaba gukora kiriherekeza maze ugikore vuba. Ubyine injyana yacyo! Ntutindaganye cyangwa ngo utegereze. Uko ukora mu kwizera, uba uri kwitegura kwakira ibitangaza buri muni.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndahanura ko nzabyizera kugeza igihe nzabigereraho mu Izina rya Yesu! Mfite ukwizera ko amata n'ubuki bizaba umugabane wanjye mu Izina rya Yesu! Haleluya!**

### **IBINDI BYANDITWE**

2 Abakorinto 8:7

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyandiitswe cyawe cy'uuyu muni: Abacamanza 8-9



### 1 Timoteyo 2:1

Irya mbere ya byose ndaguhugurira kwingingira abantu bose, no kubasengerera no kubasabira no kubashimira.

Ikintu kimwe abakristu badasobanukirwa nuko ubuntu bugutandukanya mu isi; bugutoranyiriza icyubahiro n'ubwiza budasanzwe. Uba uwimbere mu bandi bose, ukaba uyoboye, kandi ugatwara ibikombe, ukanarenga ahananiranye! Ntakintu na kimwe muri iyi si, yaba kumenyekana cyangwa ubukire cyangwa abakomeye, cyagereranywa nicyo kugira ubuntu bw'Umwami Yesu Kristo byakuzaniye.

Gukomera mu buntu bw'Imana, nuko icyanditswe cy'uyu muni kibivuga, ni ukugendera mu buntu bwuzuye, ari byo, kumenya rwose ko ari ubwo buntu

bwonyine bukugira umutsinzi atari imbaraga zawe. Kuba uri urubyarwa rwa Aburamu, ubuntu bw'ubutunzi bukuriho kandi burakora muri wowe. Ubwo buntu bukugira uwi mbere cyane ugahagarara mu mwanya w'ubutsinzi ahantu hose waba uri. Koresha ubu buntu neza dufite muri uyu mwaka w'amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ubuzima bwanjye bugaragaza ubwiza no gutungana uko ngendera bikomeye mu buntu bukubiye , mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 6:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 10-12

**Itangiriro 26:12**

**Isaka abiba muri icyo gihugu, muri uwo mwaka yeza ibirutaho incuro ijana. Uwitwaga amuha umugisha.**

Kugira ngo iki cyanditswe cyo haruguru cyumvikane, habayeho Inzara mu gihugu igihe Isaka yari yarahinze. Hari harateye n'amapfa amara imyaka myinshi, kubaho ntibyari byoroshye. Noneho ibaze ukuntu Imana yabwiye Isaka ko izamuha umugisha muri ibyo byose yararimo gucamo. Nta mvura; ibintu byose kuva ku iteganyagihe kugeza ku bukungu byari bimeze nabi, ariko Isaka yakomeje kugendera kucyo Imana yamubwiye ntagushidikanya. Ese ntibitangaje ukuntu yasaruye inshuro ijana igihe abandi bose ntacyo bari basaruye? Oya! Uku niko bigenda icyo wizeye Imana.

Aka kanya, hari umuntu umwe uri gusoma ibi yitegurira igisa n'umunsi ugoye umuri imbere. Umva, ufite Ijambo ry'Imana ryerekeye kugira ubuzima bwiza, ubutunzi bwishyamba, umuryango mwiza, byose byiza! Inkururu mbi yose yaba iri mu gihugu, hagarara ku Ijambo ry'Imana, uzabona imigisha irenze inshuro ijana!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nizeye kandi mpagaze ku Ijambo Imana yavuze ryo gutunganyirwa mu byo nkora uyu munsi byose, ntashidikanya! Urakoze Mwami kubw' mata n'ubuki, ari byo bimenyemetse by'intsinzi yanjye! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 10:22

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Abacamanza 13-15





**Abefeso 1:4**

**nk'uko yadutoranirije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo.**

Mbega Data mwiza dufite! Bitekerezeho akanya gato. Urukundo ruhebuje rwatumye adutoranya na mbere yuko imfatiro z'isi zishyirwaho. Imana yashakaga ko dukizwa, atari nyuma yuko muntu aremwe cyangwa agwa ahubwo "mbere yuko imfatiro z'isi zishyirwaho." Bavandimwe, tureba amaso kuyandi ukuri kw'amayobera ariko nanone kwashyizwe hanze.

Mbere yuko isi iremwa, Umuntu yigagaje ku mana nk'uwatsinzwe. Umugambi w'agakiza n'uko uzasohozwa washyizweho kera cyane. icyo Imana yashakaga kwari ukutazigera itandukana n'ikiremwa cyayo yakunze.

Muvandimwe, urera kandi nta mugayo ugira imbere ya Data kubera iki cyanditswe cyo haruguru! Yishyizeho ibyaha byawe, kandi ubu nibwo butumwa bwiza, euaggélon, nibwo butumwa bwiza buhebuje cyane twigisha, haleluya!

Kabone ko atwita abakiranutsi be, abo yatsindishirije, bivuze ko ntawadushinja icyaha kuko tutari abakiranutsi gusa, ahubwo twagizwe abakiranutsi b'Imana muri Kristo Yesu. Waratoranyijwe. Ugende hanze ushize amaha uzi ibyo gusa!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Sintsindwa uyu muni n'indi minsi kuko natoranyijwe! icyo nkora uyu muni cyose kirabyara ibisubizo byiza mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSE**

2 Abakorinto 5:21

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 16-18

**Imigani 15:4**

**Ururimi rukiza ni igiti cy'ubugingo, Ariko urugoreka rukomeretsa umutima.**

Ijambo "gukomeretsa" riri mu cyanditswe cy'uyu muni ni "Sheber" mu giheburayo. Bisobanuye kuvuna no kumenagura ikintu. Nusimbuzamubonye ijambobonye ukomeretsa n'ubu busobanuro bundi ubona ko amagambo mabi ari umwanzi ukomeye, umenagura ukanakomeretsa ubuzima bwawe n'ubw'abo ukunda aka kanya! Iyo habayeho kwangirika kw'imitungo bibabivuzeko yinjirirwe n'umwanzi kandi ntamuntu ukunda abamwinjirira!

Ubwami bw'Imana tubarizwamo, ni Ubwami bwo kwatura amagambo. Tubaho, tugakora kandi tugateka dukoresheje amagambo. Byose bizanwa

nicyo watuye. Nuvuga amagambo meza, ubuzima bwawe buzaba bwiza. Nuvuga amagambo mabi, ubuzima bwawe buzaba bubibi. Mu gitabo cy'Itangiriro, Imana yiswe Ijwi. "Bumva imirindi y'Uwitwaga Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi" (Itangiriro 3:8). Ijwi ntacyo ryaba rimaze ritari kuvuga ijambobonye. Nusobanukirwa ibi, ntabwo uzongera kuvuga amagambo adafite icyo amaze, kandi mabi. Uzakoresha amagambo yawe uko bikwiraye. Uzavugamubonye imigisha, uvugamubonye amagambo atanga ubuzima ahanyuma gutemba kw'amata n'ubuki.

Tangira uyu muni!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**N'imbaraga ziri ku rurimi rwange, ndahanura gusa ibyiza cyane mu buzima bwanyje, mu muryango wanyje, aho ntuye, mu igihugu cyanjye, no mu bihugu byose biri mu isi. Imbaraga no gukomera ni ibyanjye mu Izina rya Yesu!**

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 18:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Abacamanza 19-21 1



**Matayo 5:48**

**Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka.**

“Nta muntu n'umwe w'intungane!”

Ni kangahe wumvise iyo mvugo mu buzima bwawe? Ubaye uri nkanjye, waba warabyumvise inshuro zitabarika. Uhereye aho abana bakinira kugera mu biro by'abayoboze ikigo ndetse n'umwigisha ku gatuti, hose iki kinyoma cyabaye ihame. Uramutse uvuze ngo “ndi intungane”, abantu batangira kukwita umwibone. Iryo ni ikosa!

Mu cyanditswe cy'uyu muni Bibiliya itubwira ngo “mutungane nk'uko So wo mu ijuru atunganye.” Ijambo gutungana biva ku ijambo ry'ikigiriki téleios, bisobanuye uwuzuye ubwenge, utagira umugayo, utagira icyasha, utagize

icyo akennye; kandi wuzuye. Bijyana no kugereranya umutima wawe n'uw'Imana; uburyo bwo kubigeraho ni mu Ijambo ry'Imana. Ibi bivuze ko uba ukora ibintu byose nk'uko Imana ishaka ko ubikora; ukemerera umutima wawe kumera nk'uw'Imana. Utekereza, ukunda, unababarira nkuko Imana ibikora kuko ufite umutima wayo.

Bavandimwe, Imana ntishobora kudasaba ikintu ibizi ko tutagishobora. Niba idusaba gukora ibitunganye hano mu isi, bivuze ko bishoboka.

Utungane mu byo ukora byose guhera uyu mwanya, mu Izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Amagambo yanjye, ibitekerezo n'ibikorwa biratunganye uhereye uyu muni! Ndatara gutemba kw'amata n'ubuki muri buri kintu cyose nkoraho uyu muni mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSE

Abakolosayi 1:22

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Rusi 7



## 2 Abakorinto 5:17

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Abakristo benshi batekereza ko uku guhindurwa kuzabera mu ijuru cyangwa mu isi y'umwuka ahantu runaka; ariko byamaze kuba! Umwami Yesu Kristo yaje kuduha ubuzima bw'ubumana, ubuzima butugira abana b'Imana. Ura-bona, kuvuka ubwa kabiri ntibivuga ko ufite ubuzima bubiri cyangwa kamere ebyiri; oya ufite ubuzima bumwe gusa kandi ufite ubuzima nk'ubw'Imana ifite ubuzima bw'ubumana.

Noneho reba ijamba "Icyaremwe gishya"; riri kuvuga ikintu kitari kizwi; ni gishya kandi "kidasanzwe". Njyewe

nawe turi ubwoko bushya, ibiremwa bitigeze kubaho mbere, ubwoko bw'umuntu mushya!

Iyo usobanukiwe ukanamenya neza ko ubuzima ufite atari uruvange rwa kamere y'Imana ndetse na kamere muntu, uzarekera kuba mu buzima bugoye ubeho neza, uzisanga urimo kubahiriza ubushake bw'Imana mu buzima kandi ubikora utuje. Guhera uyu munsu, gendera mu mitekerereze ya Kristo; gendera muri uku kuba mushya. Ubuzima bushya muri wowe, ubuzima bushya ku bucuruzi bwawe, ku bana bawe ndetse no muri buri kimwe cyose kigufitiye umumaro.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Itegereze ndi umuntu mushya! Mfite ububasha bwo kunesha ikintu kibi cyose kinkikije, kandi ndatura ko biba bityo aka kanya, mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:17

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Samweli 1-3



**Abafilipi 3:20**

**Naho twebweho iwacu ni mu ijuru, ni ho dutegereje Umukiza ko azava ari we Mwami Yesu Kristo,**

Wari uziko Ijuru ari igihugu nk'ibindi bihugu byose, gifite ubutegetsi n'abaturage bacyo? Nk'ibindi bihugu, habaho inzira zo kwinjiramo, arizo gukoresha ubwenegihugu cyangwa visa. Udafite ibyo bisabwa ntabwo wakinjiramo. Niko bimeze no mu ijuru.

Ijuru ni iry'ibiremwa byo mu ijuru, abafite ubuzima bw'ijuru mu isi. Abahaye ubuzima bwabo bwose Imana. Ntawajya mu ijuru adafite ubuzima bw'ijuru. Ugomba kubugira mbere yo kwemererwa kwinjira. Wibuke yuko utari uwo mu isi; uri uwo mu ijuru. Reka ibi bibe mu mitekerezere yawe no mu

mibereho yawe. Inshuro nyinshi ujye watura uti "ndi umunyagihugu cyo mu ijuru". Ubwo ni bwo butumwa bwiza bw'Umwami Yesu Kristo; yaje kukugira umunyagihugu no kuguha uko wa kwinjira mu gihugu cyiza cyane, ari cyo Ijuru!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ntabwo ntsikamirwa n'imbaraga mbi n'ibigenga iyi si ya none. Ndi umunyagihugu cy'Ijuru, ibyo ni ibisubiza ibibazo byose mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 12:22

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 4-8





**Gutegeka kwa kabiri 30:19**  
Uyu muni ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n'urupfu, n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe,

Imana ni umwitonzi. Igiraneza kandi ni inyampuhwe, urukundo rwayo ntirugira umupaka. icyo ishakira abana bayo nuko babaho, batunga ibyiza gusa.

Tekereza kuri iki icyanditswe cy'uyu muni. Iyo Imana ibishaka yari kutugira nk'amazombi cg ibikinisho aho Imana idukururira ku kagozi, tugakora ibyo ashaka nta mahitamo dufite. Imana ifite imbaraga zo kubikora gutyo; kuko ni Imana ishobora byose! Ahubwo, mu rukundo iduha ubushobozi bwo gi-

hatamo. Ushobora guhitamo gukunda Imana cyangwa kutayikunda. Amahita ni ayawe. Yaguhaye amahitamo nk'impano, rero ba umuny-abwenge bihagije Kugirango ukore amahitamo nyayo.

Wibuke mu Baroma 11:29, haravugaga hati "kuko impano z'Imana no guhamagara kwayo bitavuguruzwa." Ibi bishyigikira insanganyamatsiko y'uyu muni. Iguha amakuru yose ukeneye kugirango ubashe gukora amahitamo meza ndetse ikanakubwira icyiza wahitamo, ariko ntijya kugutegeka icyo guhitamo.

Uyu muni uhitemo neza.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Buri mahitamo yose nkora uyu muni araba ajoyanye n'umugambi utunganye Imana ifite ku buzima bwanjye mu Izina rya Yesu! Amen**

### IBINDI BYANDITSWE

Yosuwa 24:15

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 9-12



**Ezekiyeli 36:27**

**Kandi nzabashyiramo umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanjye mukayasohozza.**

Abakristo benshi nahuye nabo mu myaka maze nkora umurimo w'Imana barushywa no gushimisha Imana. Harubwo barira bavuga ko bagerageje kuyinezeza ko ntacyo bagezeho. Byagenda gute nkubwiye ko utagomba kugerageza gushimisha Imana ukundi? Ko ubushobozi bwo kuyinezeza buri muri wowe ahubwo ugomba gutangira kugendera muri iyo myumvire?

Usomye neza uwo murongo, uvuga neza ngo, "...nzabashyiramo umwuka wanjye, NTUME..." Ese uri kubibona? Kuko Umwuka Wera muri wowe, wa-

gizwe umukiranutsi; ushimisha Imana uko umeze. Ntabwo ugomba kwiyiriza kugira mube mumeranye neza, ni ibintu bikurimo! Witwaje uku kumenya, ntuzahangayikire gukora neza ukundi. Wavukanye kamere nshya y'Imana yo kubaho utunganye. Biva mu gukiranuka. Ubushobozi bwo gukora icyiza buva gusa mu mutima ukiranutse.

Ugende uyu muni ufite imitekerereze yuko ufite kamere y'Imana muri wowe ikugira mwiza bihebuje!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndahanura umunsi mwiza utembamo amata n'ubuki kubera gukiranuka kw'Imana kuri muri njye. Ibintu byose nkora biratunganye kandi ni ibyo gusakaza Ubwami bw'Imana. Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 5:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 13-14

**Yohana 15:11**

**Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye.**

Hari imvugo abantu bakunda gukoresha ivuga ngo "iyi abantu bababaye babaza abandi." Ndetse un-abivuze mumbusane yabyo nabyo nibyo: abantu buzuye umunezero batuma n'abandi banezerwa. Imana yaguhaye umunezero udaturuka ku biri kuba impande zawe; umunezero utemba uva mu mutima ugakwirakwira mu bagukikije.

Noneho itegereza umurongo w'uyu muni uravuga uti: "...kandi umunezero wanyu ube wuzuye." Ibi bivuze ko habaho n'umunezero utuzuye. Birashoboka ko waba ufite igisa n'umunezero

ariho si wo munezero uvugwa muri iki cyanditswe. Ikibabaje nuko Abakristo bamwe bahorana agahinda kuko babeshwaho n'umunezero mucye. Uyu muni baba banezerewe, ejo bakaba barira cyane. Ijambo ry'Imana wariherewe kugira ngo umunezero wawe usendere igihe cyose! Niyo ibintu byakomera, ntukemere gucika intege ngo wibone ko udashoboye ahubwo, atura ngo, "Nanze gushoberwa no kugira agahinda! Mfite umunezero n'intsinzi hejuru y'iyindi ibihe byose. Ukomeye kurusha abandi atuye muri njye! Umunezero we ni wo mbaraga zanjye, kandi nkomerejwe mu bwiza bwe mu Izina rya Yesu."

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima bwange busakaza umunezero! Ndahanura ko buri muntu wese duhura uyu muni ari bugire UMUNEZERO WUZUYE mu mwami! Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 14:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 356**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 15-17



**Abafilipi 4:8**

Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira.

Ibitekerezo bigira imbaraga kandi birema ibigaragara. Ibyo utekerezaho, nibyo uba; niko bimeze. Niyo mpamvu Ijambo ry'Imana rivuga iby'imitekereze yawe kenshi. Ibithekerezo bishushanya inzira y'ubuzima bwawe bikayirema. Mu cyanditswe cyo haruguru, Imana ntiyadutegetse gusa kurinda imitima yacu ngo ibitekerezo bibi ntibiyicemo ahubwo, yatubwiye ishimangira ibitekerezo dukwiye kwemerera kunyura mu mitima yacu.

Hari abantu bumvise ibinyoma, ibintu bidashimishije, n'inkuru mbi babigumisha mu bithekerezo byabo kugeza aho bitegeka ubuzima bwabo bikabatera agahinda gakabije. Abandi bagumya kubika inzika za kera, kandi icyo ibyo bikora ni ukuzana ibibi byiyongeyeho. Ntukagumye gutekereza ibintu bigutera agahinda mu mutima. Ahubwo witoze kugira intekerezo nziza zihuye n'Ijambo ry'Imana. Ba ari ko utekereza!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ntekereza gusa ibintu by'ukuri, byo gukiranuka, biboneye, by'igikundiro kandi bishimwa. Bizatuma ntera imbere mu Izina rya Yesu, Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yosuwa 1:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 18-20, Zaburi 11, 59



**Abaroma 12:2**

**Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose.**

Waba warabonye imyitwarire abantu bagira mu ntangiriro z'umwaka? Byose aba ari ugatangira bushyashya. Bafata imyanzuro yo kwimuka mu nzu bari basanzwemo, yo guhindura uko bagaragara inyuma, kugura imyenda mishya, kugura imodoka nshya, n'ibindi byinshi. Ibi byose babikora kugira ngo "batangire ari bashya." Mu guhindura uko bagaragara inyuma, bumva ko impinduka zidasanzwe zizabaho n'imbere muri bo. Mbega kwibeshya!

Bibiliya ivuga byeruye ku guhinduka k'ukuri k'umukristo. Ivuga ko guhinduka nyako ari ukugira imitima mishya! Uwo uri we uyu muni bituruka kubyo umutima wawe utekereza. Imigani 23:7 haduha ubusobanuro kuri ibi. Haravugaga hati, "Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari..." Ushobora gusa kuba mwiza ku kigero cy'uko witekereza ko uri. Ntabwo uhindurwa nuko wagabanutse ibiro ukaba wambara imyenda ikakubera. Oya! Impinduka Imana izana ni iz'ukuri. Itangirira mu imbere igasoreza n'inyuma. Guma mu Ijamba ry'Imana kandi ugumye kuba uzana impinduka z'ukuri.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndatura itangiriro ryo guhinduka byuzuye mu buzima bwanjye. Uko nsabana n'Imana, intekerezo zanjye zihinduka buri muni mu izina rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 4:8

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 21-24

**Abakolosayi 1:12-13**

**mushima Data wa twese waduhaye kuraganwa n'abera umurage wo mu mucyo. Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda.**

Itegereze ko muri iki cyanditswe kiri mu mpitagihe. Kivuga ko Imana yadukijije ubutware bw'umwijima, ntikivuga ko igiye kubudukiza, cyangwa ko izabikora nugera mu rusengeru ku Cyumweru - byarakozwe! Satani ni umwanzu wat-sinzwe! Agerageza kugushyiramo ibitekerezo byo kwiyahura, ibitekerezo byo gupfa kare, ibitekerezo byo kurwara n'ibindi. Ugasanga Abakristo bava mu rusengeru rumwe bajya mu rundi bashaka "kubohorwa" ubu bwoba cyangwa "ibitero bya Satani." Ushingiye ku cyanditswe cyo haruguru ntukabuzwe ibitotsi na Satani. Uramuruta cyane, kabone niyo waba umaze guha ubugingo bwawe Kristo mu minota micye.

Umwami Yesu avuga muri Mariko 16:17 ati "...bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye." Ni wowe avuga! Yaguhaye ububasha bwo KWIRUKANA abadayimoni, ntabwo yaguhaye imbaraga nke kuburyo abadayimoni bagomba kwirukanwa muri wowe buri cyumweru mu materaniro yo kubohoka. Ntugahe Satani amahirwe. Nagerageza kwigaragaza mu bigukikije, menya ko ari wowe utegeka!

Umwami Yesu avuga muri Mariko 16:17 ati "...bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye." Ni wowe avuga! Yaguhaye ububasha bwo KWIRUKANA abadayimoni, ntabwo yaguhaye imbaraga nke kuburyo abadayimoni bagomba kwirukanwa muri wowe buri cyumweru mu materaniro yo kubohoka. Ntugahe Satani amahirwe. Nagerageza kwigaragaza mu bigukikije, menya ko ari wowe utegeka!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Satani yaratsinzwe kandi azahora atsindwa. Mfite Umwuka w'Imana muri njye; gutsindwa ntibizaba mu magambo yanjye, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 4:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 7, 27, 37, 34, 52





**Yohana 16:23-24**

**Uwo muni nta cyo muzambaza. Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha. Kugeza none nta cyo mwasabye mu izina ryanjye. Musabe muzahabwa ngo umunezero wanyu ube wuzuye.**

Imana ntiyari kudasaba gusenga iyo iba idateganya gusubiza ayo masengesho. Yaravuze ati, "...icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye," kuko yateganyaga kudusubiza. Sobanukirwa ko isengesho ari inzira ituma imbaraga z' Umwuka Wera ngo ziteze impinduka mu isi. Bavandimwe, Iyo usenze ushobora kwitega ibisubizo byuzuye by'ibyo wasengeye.

Imana yishimira kukubona ubyara umusaruro. Mu cyanditswe cy'uyu muni yavuze iti, "...muzahabwa kugira ngo umunezero wanyu ube wuzuye." Urabibona? Ishaka ko ubuzima bwawe bwuzura umunezero! Abantu bamwe ntibabizi, bikabatera kunanirwa no guhagarika gusenga iyo ikintu kimwe basengeraga kitashoye. Iyaba waruzi ko icyubahiro cy'Imana kigaragarira mu isengesho ryasubijye! Izere ko uyu mwaka uzakubera uw'amata n'ubuki kandi witegure kubona ibisubizo mugihe usenze!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imana yishimira gusubiza amasengesho yanjye. Uno munsi ndatura ko ijambo ryose mvuga mu isengesho risohoye mu Izina rya Yesu! Amen**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Petero 3:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 56, 120, 140-142



**Abefeso 3:20**

**Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo,**

Waruziko ufite ubushobozi buhambaye bw'Imana muri wowe? Hari umuntu ukeneye gutekereza kuri iki kibazo mbere yuko dukomeza. Abantu benshi b'Imana babayeho nabi kuko batabyizera neza. Tega amatwi, igihe wakiraga Umwuka Wera muri wowe, izo mbaraga zatangiye gukora muri wowe. Zitemba mu mitsi yawe, ziri mu magufwa yawe, ziri mu nyama zawe ziri ahantu hose mu ngingo zawe, Haleluya!

Noneho, itegereze. Muri Matayo 10:8, Umwami Yesu yaravuze ati, "Mukize

abarwayi, muzure abapfuye, mukize ababembe, mwirukane abadayimoni. Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi."

Ngaho mbwira muvandimwe, iyo uba udafite izo mbaraga, niki cyatumye Yesu agusaba gukora ikintu gisaba kuba ufite imbaraga z'Imana? Wabwiwe gukoresha izo mbaraga kugira ngo ukore ibyose ibitangaje, kuko UZIFITE; USHOBORA KUZITANGA! Imana ihabwe icyubahiro! Genda ukoreshe icyo wahawe uyu muni.

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imbaraga zi'Imana ni izo kugaragara binyuze muri nje. Nuzuye izi mbaraga; nzakiza abarwayi, nzakiza ababembe, nzazura abapfuye, nzirukana abadayimoni kandi nzakora imirimo ikomeye mu Izina rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Ibyakozwe n'Intumwa 3:6

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 25-27

**Abagaliya 5:16**

**Ndavuga nti “Muyoborwe n’Umwuka”, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira.**

Iyo bibiliya ivuze ibijyanye na kamere yawe, iba ivuga ibintu wifuzaga gukora, ibiyumviro byawe, ndetse n’ibyo urariye. Nabonye kandi numvise benshi basenga barira ngo kamere yabo ibambwe. Iryo sengesho siryo. Ntabwo ugomba kurushywa nuko kamere yawe igendera mu nzira y’Ijambo ry’Imana, ahubwo uzuzura iikerezo byawe amagambo ya Kristo. Kugendera mu mwuka ni uguhora mu busabane n’Imana bigufasha kunesha kamere n’irari ryayo.

Iyo Umwami Yesu ari umwami w’umubiri bwawe, ukora ibyo Pawulo yasobanuye mu Abaroma 12:1, utanga

umubiri wowe ngo ube igitambo cyera kandi gishimwa n’Imana kuko umubiri wawe ari umubiri We. Umubiri umwuka wawe utuyemo ni umutungo w’Imana. Uwutuyemo nkaho wawutijwe ngo uwiteho, uri kuwitaho kubw’Imana. Rero, ugire imitekerereze nk’iyari muri Kristo; bityo, uzatega umubiri wawe kandi wice n’ingeso za kamere.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Imitekerereze yanjye yumvira Ijambo ry’Imana rwose uko ngendera mu Mwuka. Sinzaneshwa n’irari ry’umubiri mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:5

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyandiitswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 17, 35, 54, 63





**2 Timoteyo 2:15**

**Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.**

Kugira ngo ube umukristo w'umumaro, ni ngombwa cyane ko wiga, ugasobanukirwa kandi ukabaho nk'uko Ijambo ry'Imana rivuga. icyanditswe cy'uyu muni kivuga ko buri mukristo agomba kumenya uko asobanura ijambo maze akaryigisha n'abandi. Ikibazo kiri mu Itorero nuko dufite abantu badashobora gusiba amateraniro; bandika ibyo umwigisha yigishije, bagaca imirongo ku byanditswe byavuzwe ariko batajya basubiramo ngo bige ibyo biyandikiye bo ubwabo.

Ijambo ry'Imana rigomba kwigwa.

Usome bibiliya uri mu rugo, uyisomere n'abana bawe. Abantu bamwe bafungura bibiliya zabo aruko baje mu rusengero ku Cyumweru gusa. Ikibazo kirimo nuko umwuka wawe wicwa n'inzara. Ukaba udafite imbaraga zihagije zo kunesha ibikugora biza mu nzira yawe, bikarangira uri Umukristo ubabaye. Imana iravuga muri Hoseya 4:6, "Ubwoko bwanyje burimbuwe buzize kutagira ubwenge." Urabibona? Kudasoma Bibiliya ubwawe birakwangiza.

Ugire gusoma Bibiliya gahunda yawe ya buri muni, uzabona ubuzima bwawe buhinduka.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uyu muni mfashe umwanzuro wo kwiga no kwiyuzuzza Ijambo ry'Imana kuruta ibindi bihe byose. Simpagarikwa kandi mfitte ibitunga muri buri gice cy'ubuzima, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 8:31

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Samweli 28-31, Zaburi 18

**Zaburi 82:3-4**

**Muce imanza zikwiriye uworoheje n'impfubyi, Muce imanza zirenganura umunyamubabaro n'umufindi. Mutabare uworoheje n'umukene, Mubakize amaboko y'abanyabyaha.**

Umugisha wawe ntbwo ari uwawe gusa. Igihe wirebyeho wowe ubwawe n'ibikunezeza ntugire undi witaho, uba watakaye. Abantu bamwe bumva ko icyo bamaze mu buzima ari ukumenya ko ubukode bwabo bwishyurwe, abana babo babonye ibyo kurya bakaniga, ko bafite ibyo kurya mu bubiko ndetse n'imodoka yabo igenda - ibyo gusa akaba ari byo bakora! Bakishimira gusa ko babasha kwita kubyo bakeneye bakanagera ku nzosi zabo. icyanditswe cy'uyu muni kikubwira ko wakora ibirenze ibyo. Ushobora guhindura ubuzima bw'abantu utazi.

dura ubuzima bw'abantu utazi.

Nk'uyoboye benshi, umurengezi w'abakene n'imfubyi, ntuzahine akaboko ngo urebere ibibi biba mu bihugu no mu buzima bw'abantu. Imana itwitezeho kugira icyo tubihinduraho. Reba aho utuye uyu muni. Ninde urimo ukeneye amafaranga y'ishuri? Ni izihe gahunda z'umubi zikeneye guhindurwa mu kigo cy'amashuri na kaminuza zikwegereye? Ese hari umuturage ukeneye kugaragarizwa urukundo no kwitabwaho? Ufite ibisabwa byose kugira ngo uhindure isi yawe ndetse n'iy'abandi. Ushobora gukura umuntu mu bukene, ukanavuganira abatagira kirengera mu gace utuyemo. Ubishyire mu bukorwa uyu muni.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ukubaho kwanjye kose gukorera Uwitaka. Nzakoresha ibyo ntunze, ijwi ryange ndetse n'ubushobozi bwanjye ndengera abatishoboye. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yeremiya 22:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 121, 123-125, 128-130

**Zaburi 82:6**

**Ni jye wababwiye nti 'Muri imana, Mwese muri abana b'Isumbabyose.'**

Ujya wumva abakristo bavuga imvugo nka; "Ndi umuntu gusa," cyangwa ngo "ndi umuntu usanzwe." Baba bizeye ko mu kuvuga batyo harimo guca bugufi. Ariko sibyo. Imvugo nk'izi zerekana ubujiji bwo ku rwego rwo hejuru.

Sobanukirwa ko wari umuntu usanzwe kugeza igihe wavukiye ubwa kabiri. Nyuma yaho, wahindutse inzu y'imbaraga, urusengeru ruzima rw'Umwami Imana Ishoborabyose. Ushyigikiwe n'icyanditswe cy'uyu munsu, wemerere uku kuri kube mu bitekereze bwawe. Kugeza igihe uzabiyumvisha, imbaraga zikurimo ntizizakora. Ntuzongere kuvuga ngo "ndi umuntu usanzwe gusa."

Igihe wakiraga ubutware bwa Yesu Kristo, wabaye imana. Wabyawe n'Imana kandi usangiye nayo Kamere y'ubumana. Wibuke muri Yohana 4:17 haravuga ngo, "...kuko uko ari ni ko turi muri iyi si." Umeza nka Data, haleluya!

Ikindi gihe uzumva uhatirwa kuvuga ko uri umuntu gusa ujye uvuga ngo, "ndi udasanzwe!"

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mfite ubutuzi butagira akagero, Imana iri muri njye, ibyo bingira imana nanjye. Uyu munsu nsobanukiwe uku kuri kuruta uko narimbizi, Kristo muri njye, ibyiringiro by'ubwiza. Ni iki nzatsindwamo? NTA NA KIMWE, mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:34-35

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Samweli 1-4



**Yohana 6:63**

**Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri nta cyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo.**

Nigeze kubona ingingo y'ingenzi mu kinyamakuru yavugaga iti, "URI ICYO URYA." Ni ukuri ko ibyo wariye bigira ingaruka ku mubiri wawe. Ingaruka nziza cyangwa mbi, ariko igihe cyose umubiri wawe urahindurwa n'ibyo urya mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Niko bimeze no ku mwuka wawe. Iyo wigaburira Ijambo, riba umwe n'umwuka wawe rigakora aho rikenewe.

Iki cyanditswe kivuga ku magambo y'umwuka, amagambo atanga ubugingo. Ndetse n'imbusane yabyo niyo. Hari amagambo mabi na yo y'umwuka

ka ariko adatanga ubugingo. Nk'uko ibyo kurya byose atari byiza ku mubiri wawe, niko n'amagambo yose atari meza ku mwuka wawe. Haranira kwiga no gutekereza ku Ijambo ry'Imana kurushaho muri uyu mwaka. Shyira hasi icyo gitabo kindi cyangwa ikinyamakuru maze ushyire imbere Ijambo ritanga ubuzima. Reka ribe umugati wawe wa buri munsu. Wibwire uti sinzarya ibyo kurya ntarasoma Ijambo cyangwa ngo nsenge. Uko ryinjira muri wowe nk'Ijambo riguturamo nk'Imana. Haleluya!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Natura amagambo Data yamvuzeho gusa. Ubuzima bwanjye ni ubuzimabutemba aamata n'ubuki; bw'intsinzi, gutera imbere, ubuzima bwiza n'amahoro, mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yosuwa 1:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Zaburi 6, 8-10, 14, 16, 19, 21

**Abefeso 3:8**

**Nubwo noroheje cyane hanyuma y'abera bose, naherewe ubwo buntu kugira ngo mbwirize abanyamahanga ubutumwa bwiza bw'ubutunzi bwa Kristo butarondoreka,**

Niba hari icyanditswe cyemeza ko Imana idakoresha abantu bashoboye gusa, ni iki. Pawulo yahawe gukora byinshi mu Bwami bw'Imana ariko yivugira ko ari we woroheje hanyuma y'abandi. Benshi mu bari gusoma ibi biyumvisha ko Imana itazigera ibakoresha kuko "batujuje" ibisabwa. Reba ibyo Pawulo avuga: "Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge, kandi yatoranije ibinyanteye nke byo mu isi ngo ikoze isoni ibikomeye," (1 Abakorinto 1:27).

Imana yaraguhamagaye kandi yaguhaye ubushobozi budasanzwe bwo gukora umurimo wayo. Rero, ntukisuzugure cyangwa ngo utekereze ko nta kidasanzwe kikuriho. Yakugize ushoboye, itagendeye ku kiciro urimo, cyangwa uko watsinze mu ishuri; yabikoze kubw'ubuntu bwayo. Iga kureba kure y'imbaraga zigaragara. Iteka ujye wibuke ko uri uw'agaciro ku Mana, yaguhaye ubushobozi bw'ubumana bugushoboza gusohoza umukoro wawe.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Natoranyirijwe igihe nk'iki. Nzarenga ibyo nateganyaga kugeraho mu buzima, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 3:5

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 1-2



**Luka 5:16**

**ariko we abavamo yiherera mu butayu asenga.**

Nkunda uburyo bibiliya yigisha ku buryo ushobora gukurikiza amahame yayo byoroshye. Iki cyanditswe kivuga ko Umwami Yesu Kristo yabavuyemo aya gusenga. Mu magambo make, yagiraga ibihe areka ibindi bintu byose kugira ngo asabane n'Imana. Abakristo benshi basenga gusa iyo babyiyumvisemo cyangwa igihe babifitiye umwanya. ibuka ko turi abasirikare kandi abasirikare bagira umurongo bagenderaho. Mu gisirikare, ntabwo ukora ibintu igihe wumva ubishaka cyangwa kuko ubishaka; ubikora kuko ugomba kubikora. Ugendera kuri gahunda; impamvu zibikubuza ntizihanganirwa.

Tuvuga ko turi abakurikira Kristo. Niyo mpamvu tugomba no kumwigana. Mariko 1:35 haravugaga ngo, "Nuko mu museke arabyuka, arasohoka aya mu butayu asengerayo." Jyena ibihe byo gusenga muri gahunda yawe y'umunsi. N'iyi dufite igihe rusange cy'amasengesho nk'urusengerero, ibyo bihe nabyo ni ingenzi - ntukabisibe.

SENGA!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndahanura ubuzima bwimbitse kurushaho bwo gusenga ku giti cyanjye ndetse n'abankikije. Kubw'amagambo ya masengesho yacu, tuzazana impinduka mu isi yacu, mu izina rya Yesu! Amen.**

### **IBINDI BYANDITSE**

Luka 18:1

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uuyu munsi: Zaburi 43-45, 49, 84-85, 87





**Abakolosayi 3:17**

**Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw'uwo.**

Abantu benshi basenga mu Izina rya Yesu; gusa bamwe babikora nk'umuhango w'idini abandi bakabikora nk'aho ari code umuntu akoresha. Bamwe ntibanizera ibyo baba bavugaga, ariko basenga mu Izina rye kandi bakiringira ko bigenda neza. Bavandimwe, iyaba mwasobanukirwaga byuzuye imbaraga ziri muri iryo Zina! Rirahambaye kuburyo iyo rihamagawe buri wese aripfukamira mu ijuru, mu isi no muni y'isi. Ntanakimwe kandi ntanumwe wahangara imbaraga ziri muri iryo Zina kandi Imana kubw'ubuntu bwayo yaduhaye Izina rya Yesu ngo ritubeshaho. Mbega ubuntu butangaje!

Iyo ubwiwe gukora ibintu byose mu Izina rya Yesu, uba uri kwibutswa ko ufite imbaraga Izina risenya abadayimoni, rikuraho indwara, rikantanga ubuzima! Ntakintu na kimwe kibi cyakwinjirira cyangwa ngo kigugumeho kuko ufite iri Zina. Wahawe ubutware butari ubwo kuganza mu buzima bwawe usa ahubwo bwo guteza impinduka no gutwara ibihugu ukoresheje Inkuru Nziza ya Yesu Kristo!

Mu byo ukora uyu muni, ubikore mu izina rishobora byose ry'Umwami Yesu! Haleluya!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Buri cyifuzo cyose nsaba uyu muni mu Izina rya Yesu kirasubizwa. Nzaba umutsinzi nk'uko akanwa kanjye kabyatura ko ndi we. icyubahiro ni icy'Imana. Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSE**

Abafilipi 2:9-11

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 3-5

**Zaburi 1:3**

**Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi, Cyera imbuto zacyo igihe cyacyo. Ibibabi byacyo ntibyuma, icyo azakora cyose kizamubera cyiza.**

Uyu nundi muni usoza icyumweru cy'akazi muri uyu mwaka w'amata n'ubuki. Mu gihe bamwe bishimye bashima Imana kubw'icyumweru cy'umugisha bagize, abandi bari gusubiza amaso inyuma buzuye amaganya, bicuza yuko icyumweru cyabo cyapfuye ubusa. Imana yakuzanye mu buzima bw'umwuzuro.. Ubuzima butanga umusaruro, bufite imbaraga kandi butunganiwe. Wibuke ko Yesu ariho kandi ari muzima, atuye muri wowe. Ntabwo yishimira guca mu makuba no gutsindwa buri gihe ari kumwe nawe, oya! Agushakira ibyiza gusa.

Icyanditswe cyo haruguru kiravuga ngo uzahora wera imbuto - bisobanuye gutanga umusaruro. Ntabwo utangira ubucuruzi ngo buhombwe-ntibikabe. Ubwo bucuruzi nta yandi mahitamo bufite uretse gutanga umusaruro. Icyanditswe kivuga ngo icyo uzakora cyose kizakubera cyiza! Ugende hanze uyu muni uziko wakora buri kimwe cyose; waba uwo ariwe wese; wajya aho ushaka hose; waba uwo ushaka kuba we.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndatura kandi ndategeka ko ubuzima bwange buzaba ubuzima butanga umusaruro. Ibyo nzakora byose ntibizahomba ahubwo bizunguka mu izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 92:12-15

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 73, 77-78

**Abakolosayi 2:9-10**

**Nyamara muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Kandi mwuzuriye muri we, ari we Mutwe w'ubutware bwose n'ubushobozi bwose.**

Hari umuntu uri gusoma ibi uri kumva "atuzuye." Ushobora kuba uri kwiyumva gutyo kubera ko utarabona umugabo mwiza cyangwa umugore mwiza wo gushaka. Bishobora kuba ari akazi k'inzosi zawe utarabona, cyangwa ari konti yawe ya banki iri kugutera ibyiyumviro by'uko "utuzuye."

Dore amakuru mashya: iyo Imana ikurebye, ibona umwuzuro. Mu cyanditswe cyo haruguru yakubwiye ko WUZURIYE MURI WE! Buri kimwe cyose ukeneye kiri muri We. Ubwo bucuruzi

buri muri We, ayo mahoro ushaka ari muri We - ntakintu cyiza wifuza utazabona muri We!

Niba uri gutekereza uti, "iyaba marume yamfashaga; iyaba leta yampaga ibi cyangwa biriya, nari kuzagera kure mu buzima," uri kwatura ko utuzuye, kandi sibyo. Urashoboye mu bushobozi bwa Kristo. Ugendere rwose muri iyi mitekerereze. Wibwire ko ntakibuze mu buzima bwawe. Nduzuye!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nuzuriye muri Kristo. Buri kimwe cyose nkeneye kuri muri njye. Amahoro ni ayanjye, umunezero ni uwanjye, ubuzima bw'ubumana ni ubwanjye mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Ingoma 6



**1 Yohana 1:7**

ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko na yo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose.

Hari Abakristo bamwe bihutira kubara ibyaha. Nk'uwitirirwa Izina rya Kristo, ntukwiriye kujya uhora ureba ku byaha byawe. Iyo ubikoze bituma utekereza ko utagomba gukora icyaha bikarangira ucumuye. Iki cyanditswe kiravuga ngo iyo tugendeye mu mucyo (ariwo Jambo ry'Imana) nk'uko na yo iri mu mucyo, amaraso ya Yesu atwezaho ibyaha byose. Urugero, uramutse ukoze ikintu kibi, vuga uti, "Mana mbabarira ibyo nkoze; NAKIRIYE imbabazi mu Izina rya Yesu," ibyo gusa.

Imana ntiyigeze ikubwira KUYISABA imbabazi. igihe wakizwaga, wakiriye agakiza; ntiwagasabye. Niko bimeze no ku mbabazi; wakira imbabazi; ntuzisaba kuko amaraso ya Yesu Kristo yamenekeye gukuraho ibyaha byawe. Abakristo bamwe bahora basaba imbabazi, ariko kuko basaba ikintu basanzwe bafite, ntibakoreshamk kwizera mu buzima bwabo. Wakira imbabazi wahawe nk'igikorwa cyo kwizera. Warogejwe kandi wakuweho ibyaha byawe. Warabohowe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nanze guhora ntekereza icyaha. Ndi uwera w'Imana muri Kristo Yesu; niyo mpamvu, ngize imitekerereze yo gukiranuka guhera icyo muni, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 8:1

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 81, 88, 92-93

**Yohana 3:16**

**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.**

Muri uyu murongo harimo amagambo meza yuruhurirane mu iki cyandwitsw! Data wo mu ijuru ni Urukundo rwihinduye umuntu. Ndakubwira ibi: ntiwinkunda kurusha uko "Rukundo" agukunda! Uyu muni hari umuntu ukeneye kumva ibi. Imana iragukunda cyane kuburyo ishaka intsinzi yawe kurusha uko wowe uyishaka. Uru ni urukundo utabasha kwiyumvisha rwose. Yitaye cyane kandi ishaka ko ugira ibyishimo, amahoro n'umunezero kurusha uko wowe wabyitaho. Izi buri kintu cyiza cyose ushaka, kandi ishaka ko ugira byinshi birushijeho.

ho.

Ikibazo nuko benshi bababajwe n'urukundo rw'abantu. Baratawe, barakazwa ndetse bahemukirwa n'abigeze "kubakunda." Uyu muni ishusho bafite y'urukundo yarangiritse mu ntekerezo zabo. Ariko si ko bi-meze ku rukundo rw'Imana. Uru ni urukundo rwuzuye. Imana ni urukundo yo ubwayo! Wibire mu maboko yayo maze wemere ikuyobore. Wumvire ubushake bwayo bw'ikirenga, inama zayo n'ubwenge bwayo kuko igushakira ibyiza. Uyikorere n'umutima wawe wose. Ibi nibhinduka imitekerereze yawe, ibikugoye byose bizashira.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Urakoze Data Mwiza! Ndakwihaye wese kandi nibiye mu rukundo rwawe uyu muni! Amata n'ubuki biratamba nk'ingaruka z'ibi nkoze.**

### IBINDI BYANDITSWE

Yohana 16:27

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Ingoma 7-10

**Yohana 16:33**

**Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi."**

Mbega ukuntu gusoma aya magambo y'Umwami Yesu bihumuriza! Mu isi yanduye yuzuye indwara, n'ibibazo by'ubukungu, ibiza, intambara n'amakuru mabi impande zose, hano muri uyu murongo, dufite ubuhungiro! Aya magambo yavuzwe na Yesu ubwe, kandi na We igihe ibi byandikwaga, yari ari kuba mu isi irimo umwijima. Ariko yari yitandukanije n'ibibazo n'ibitekerezo bibi byo mu gihe cye kuko yari afite ibitekerezo by'uwanesheje! Yabikoze ngo atwereke uko tuzitwara muri 2024, Imana ishimwe!

Mbere yuko usohoka mu nzu, wirebe mu ndorerwamo wibwire uti "ndi uwanesheje!" Ntakintu na kimwe muri iyi si kizakunyeganyeza. Wibuke muri 1 Yohana 4:4 haravuga hati, "Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje, kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi." Warabanesheje biri mu - MPITAGIHE! Ntabwo uzabanesha ubutaha; byarangiyeye! Ufite Ukomeye kurusha abandi muri wowe; rero nturi uwatanzwe. Uri uwanesheje!

Ubeho kandi ukore nk'uwanesheje!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nta cyagenwe n'isi kizagira icyo kintwara. Mfite Ukomeye kurusha abandi muri njye, kandi intsinzi yanjye irashinganye mu izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 5:4-5

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 102-104



# OUR MINISTRY IS THE BIGGEST STAKEHOLDER IN THE PROPHETIC

---

**Prophet Uebert Angel** is the Founder of Spirit Embassy The GoodNews Church and is regarded as the godfather of the modern-day prophetic movement. He is a leading global voice and pioneer of cutting-edge prophetic demonstrations, thus being the biggest stakeholder in the prophetic, as God has called him to lead the prophetic movement in this last dispensation.

---

Spirit Embassy The GoodNews Church is also synonymous with deep revelations, miracles, signs, and wonders as well as unique manifestations of the power of the Holy Spirit. As the prophet to Christianity, Prophet Angel has also raised powerful men and women of God all around the world, who are making an impact in changing lives every day.



**2 Ingoma 29:6-11**

Ba data bacumuraga bagakora ibyangwa n'Uwiteka Imana yacu, bakayimūra bagahindikira bagakura amaso ku buturo bw'Uwiteka, bakabuterana umugongo. Kandi bakinze inzugi z'ibaraza, bazimya amatabaza kandi ntibosereza Imana ya Isirayeli imibavu, cyangwa kuyitambira ibitambo byoswa Ahantu hera. Ni cyo cyatumye uburakari bw'Uwiteka bubuza ku Bayuda n'ab'i Yerusalemu, akabahāna ngo bateraganwe hirya no hino, bakaba ibishungero byimyoza nk'uko namwe mubirebesha amaso yanyu. "None ngambiriye gusezerana isezerano n'Uwiteka Imana ya Isirayeli, kugira ngo uburakari bwayo bw'inkazi butuveho. None bana banjye, mwe gutunguhira kuko Uwiteka yabatoreye kumuhagarara imbere mukamukorera, mukaba abahereza be, mukosa imibavu."

Ikintu kimwe Satani atsindisha ni imyaka ye! Yabonye benshi bahagurutswa abona

no kugwa kwa benshi kandi azi byinshi byerekeranye n'igisekuru cyawe. Bisa nkaho mu muryango wawe ntawushaka, cyangwa ubucuruzi bwabo butajya bwunguka. Ibi ni ukubera ko imikorere y'isi yashyirirweho kugira ngo igutere gusubiramo amakosa ya ba sogokuru bawe! Ariko ugendeye ku cyanditswe cy'uyu muni, waratoranyijwe kugira ngo uhagarike uku kwisubiramo! Wahitamo kugendera mu bushake bw'Imana butunganye, ari bwo buzima butembamo amata n'ubuki ikwifuriza!

Imana yahaye amahirwe buri muntu wese yo kwinjira mu Gisekuru cyayo! Ufite amahitamo yo kuba uwo mu muryango w'Imana, umuryango satani adafiteho ubushobozi. Uko ugenda mu muni wawe ugendere mu mitekerezereze y'uko amakosa y'abakubanjirije azarangirana nawe kandi ko utazaya-subiramo!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi uharagarika ibibi byo mu muryango wanjye kwisubiramo!  
Ndi uwo mu gisekuru cy'Imana cyo mu ljuvu; Satani nta bubasha amfiteho cyangwa afite ku buzima bw'abo mu muryango wanjye mu Izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 1:12-13

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 5, 1 Ingoma 11-12

**Abaroma 10:17****Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo.**

Ni mu Bukristo honyine aho ukwizera gushingiye ku bumenyi n'ubwenge. Ibi ni ukubera ko nk'umukristo, ukwizera guturuka mu bumenyi ukura mu Ijambo ry'Imana! Mu gihe isi ikomeje kwamaza amagambo n'imvugo nko, "kwizera gusa udatekereje" ndetse no "kwizera buhunyi," izi ni imvugo utagomba kuvuga nk'umukristo. Ukwizera kwawe mu Mana kugomba gushingiye iteka ku Ijambo ryayo. Nk'uko mu cyanditswe cyo haruguru havuga, ukwizera kuzanwa n'Ijambo ry'Imana wumva.

Waba warabonye uburyo abantu b'iki gihe bemera ubufasha bw'abaganga, abaforomo, n'abandi bakozi batanga

serivisi z'ubuzima, batanarebye ko bujije ibisabwa? Ni ukubera ko isi yabashishikarije kwizera abaganga, hakoreshajwe imvugo nka "Umuganga ahara ubuzima bwe kugira ngo akize ubwawe," zama-maye henshi. Aya magambo yubaka ukwizera muri wowe kugirango wizere ko ugukira kw'indwara kwawe kuba mu bitaro. Ibaze ukuntu umuntu yemera gushyira uzima bwe mu ntoki z'umuntu atazi kubera ko ubumenyi bamufiteho. Nk'umukristo iga gukura mu Ijambo kugira ngo ugire kwizera ko byose ushaka biri mu Mana!

**IJAMBO RYA GIHANUZI****Ndi ikiremwa gifite ubwenge! Ukwizera kwanjye gushingiye mu bumenyi mfite bw'Ijambo ry'Imana! Amen.****IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 11:1

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 133



**Abakolosayi 3:16**

Ijambo rya Kristo ribe muri mwe rigwiriye rifite ubwenge bwose, mwigishanye, muhugurane muri zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'umwuka, muririmbirana Imana ishimwe mu mitima yanyu.

Mu mateka Bibiliya ivuga yerekeye umwuzure wamamaye, Imana yategetse Nowa kubaka inkuge kugira ngo arokoke imvura yaguye mu isi yose. Uretse ko uyu mwuzure warengeye imigi yose ugatwara ubuzima bwa benshi, inkuge ya Nowa yo yashoboye kurokora uyu mukiranutsi. Nibwo buryo Imana yakoresheje ngo imurokore n'abo bari kumwe. Dufite ikiruta inkuge!

Uko imiyaga yo guta agaciro kw'ifaranga, ibiza, n'urugomo byuzuye muri

iyi minsi ya nyuma, ni iby'igicro ko wanga guhangayika n'ubwoba. Kugira ngo uneshe umwuzure, dufite Ijambo, Haleluya! Ni ngombwa ko ugira ububiko buhagije bw'Ijambo ry'Imana muri wowe. Kugirana umubano mwiza n'Ijambo ry'Imana bikuzanira ubutsinzi, bitagendeye ku bibi biri kuba mu isi. Ntuzarengerwe n'ibibi biri mu munsu; ahubwo wigaburire Ijambo, uzareremba hejuru yabyo byose!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

Ndatara ko Ijambo ry'Imana riri rwose muri njye mu bwenge bwose. Nshyize umwuka wanjye mu Ijambo, nkomeye nk'inkuge ya Nowa. Ibyateraga ubucuruzi bw'abandi guhomba, utuzi, n'ubutunzi byabo kugenda nabi bizatera ibyanjye kumenyekana mu Izina rya Yesu!

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 4:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 106-107



**1 Petero 2:24**

**Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije.**

Mu isi, wigishwa ko uburwayi, ibyorezo n'indwara ari ibisanzwe biba kuri buri muntu. Gusa ibi bigomba kuba ibidasanzwe uhura nabyo mu rugendo rwawe na Kristo! Bibiliya itwigisha ko igihe wakiriye Yesu Kristo mu buzima bwawe, wahise witandukanya n'ubuzima busanzwe! Bibiliya ivuga ko wahawe ibintu byose bigendanye n'ubugingo ndetse n'ubumana! Ku bw'ibyo rero indwara ntizidafite umwanya mu buzima bwawe nk'Umwana w'Imana!

Mu isezerano rya kera ryose, tubonamo ubugumba bw'abantu bukurwaho, abantu bazurwa mu bapfuye, n'ibitangaza byinshi byo gukiza indwara. Mu isezerano rishya, uwo Mwuka Wera wabikoraga akorera muri wowe! Wa Mwuka wazuye Yesu mu bapfuye atuye kandi ahumekera muri wowe! Igihe Mwuka Wera yinjiriyemo muri wowe, wahawe imbaraga zo kunesha uburwayi binyuze amagambo yawe gusa. Imana yoroheje gukiza kw'indwara ni nko guhumeka; tangira wature gukira muri buri gice cy'ubuzima bwawe uyu munsu!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nakiriye gukira kw'indwara kwanjye uyu munsu! Imana yoroheje gukira ni nko guhumeka! Nta na kimwe gifite ubushobozi bwo kungirira nabi no kunyica mu Izina rya Yesu!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 10:1

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Ingoma 13-16

**1 Yohana 2:15-17**

Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri ari n'irari ry'amaso, cyangwa kwibona ku by'ubugingo bidaturuka kuri Data wa twese, ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka azahoraho iteka ryose.

Yesu atuye muri wowe ,niho ahumekera kandi niho akorera! Igihe wamwakiraga mu buzima bwawe, ako kanya wahise ufata kamere n'umuco w'ubumana! Nk'umukristo, ugomba kugira umuco mushya uvuye mu Ijambo ry'Imana! Nubwo twese tugira imyitwarire, uko duteye n'ibyo dukunda bitandukanye, ariko dukurikira Imana

imwe, ari yo Yesu Kristo! Bibiliya iravuga ngo uri muri Kristo wese agende nka We!

Imico mibi y'isi igaragarira buri wese! Nk'umwana w'Imana anga kwemera ibyifuzo n'imico y'isi no gusobanukirwa ko wafashe umuco wa Yesu Kristo igihe wamwakiraga mu buzima bwawe! N'umuco wa Yesu utangira kubaho mu bihe by'umwuzuro, imigisha ndetse no kuzuzwa!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Intambara hagati y'umuco na Kristo yaratsinzwe! Nanesheje iby'isi n'irari ry'umubiri, mu Izina rya Yesu Rikomewe! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 12:2

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 1-2, 15, 22-24, 47, 68



**Yakobo 5:16-17**

Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k'umukiranutsi kugira umumaromwinshi, iyo asenganye umwete. Dore Eliya yari umuntu umeze nkatwe asaba cyane ko imvura itagwa, imvura imara imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa.

Iyo Bibiliya ivuga umuntu w'umukiranutsi, iba uvuga wowe wavutse ubwa kabiri. Ubitekerejeho, icyanditswe cy'uuyu muni twagihawe nk'urugero rutwereka akamaro gakomeye isengesho rigira mu kuduha ubutware hejuru y'ibyo tunyuramo byose.

Isengesho rya Eliya yarisenganye umutima we wose kandi ahozaho. Yasengeye impinduka, Ijuru riramusubiza.

Mu kugira ubutware biciye mu isengesho, ubucuruzi bwawe butangiye gutemba nk'amata n'ubuki, konti yawe ya banki, n'amagara yawe arazuka. Ese hari icyo ushaka guhindura muri uyu mwaka? Utitaye kubyo uri kunyuramo, senga cyane ubinyuremo, kandi umenye neza ko ubifiteho ubutware maze ubihinduze amasengesho yawe y'umumaro!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho ubuzima bufite ubutware hejuru ya byose biri mu buzima bwanjye! Ntakizapfa cyangwa no kigwe hasi kuko nabivuze, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Itangiriro 1:28

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uuyu muni: Zaburi 89, 96, 100-101, 105, 132

**Itangiriro 4:15**

**Uwiteka abwira Kayini ati “Ni cyo gituma uwica Kayini azabihorerwa karindwi.” Kandi Uwiteka ashyira kuri Kayini ikimenyetso, kugira ngo hatagira umubona, akamwica.**

Bibiliya itubwira ibya Kayini (imfura ya Adamu na Eva) hamwe n'umuvandimwe we Abeli, batambiye Imana ibitambo. Igitambo cya Kayini nticyashimwa ariko icy'umuvandimwe we Abeli kiremerwa. Abitewe n'ishyari n'umujinya, Kayini yica umuvandimwe we Abeli; nubwo yamwishe, Imana yamushyizeho uburinzira, imushyiraho ikimenyetso kugira ngo uzashaka kumugirira nabi amuhora icyaha cye abone guhora kw'Imana kwikubye inshuro zirindwi!

Igihe wavutse ubwa kabiri ugakurikira

Yesu, wakiriye ikimenyetso cya Yesu! Ititaye ku makosa yawe n'ibyaha byawe, Imana yagushyizeho umukono wayo, bivuze ko buri mwanzi wagerageza kukugirira nabi aba ari kurwanya Imana ubwayo, akaba ari urugamba bazatsindwa rwose! Ibi byongeye gusubirwamo na Pawulo igihe yavugaga ati: “Uhereye none ntihakagire umuntu undushya, kuko mfite ku mubiri inkovu za Yesu.” Guhera none, ntawuzakurushya kuko washyizweho ikimenyetso cya Kristo!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite ikimenyetso cya Kristo! Umwanzi wese ugambiriye kunyirira nabi azahura no guhora kw'Imana inshuro zirindwi! Nta muntu numwe wanasha! Nkuko izuba rirasa buri muni niko nanjye ntazatsindwa mu izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abagalatiya 6:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

2 Samweli 6-7, 1 Ingoma 17

**Itangiriro 2:18-22**

Kandi Uwiteka Imana iravuga iti “Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye.” Uwiteka Imana irema mu butaka amatungo yose n’inyamaswa zo mu ishyamba zose, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere byose, ibizanira uwo muntu ngo imenye uko abyita, kandi uko uwo muntu yise ikintu cyose gifite ubugingo, aba ari ryo riba izina ryacyo. Uwo muntu yita amatungo yose n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere n’inyamaswa zo mu ishyamba zose, ariko umufasha umukwiriye yari ataraboneka. Uwiteka Imana isinziriza uwo muntu ubuticura arasinzira, imukuramo urubavu rumwe ihasubiza inyama, urwo rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo muntu, iruhindura umugore imushyira uwo muntu.

Inshuro nyinshi, urira cyane wibaza ibisubizo by’ibibazo byinshi uhura nabyo buri muni mu buzima bwawe utai yuko byose ukeneye biri muri wowe! Bibiliya itubwira ko Adamu (umuntu wa mbere) yari wenyine ariko ntiyamenye ko umuti w’icyo kibazo wari mo imbere muri we!

Imana yaguhaye ubutware hejuru y’ibiba mu buzima bwawe! Nk’umwana w’Imana, wicaranye n’Umwami Yesu mu ijuru. Kwemera gutsindwa cyangwa kubaho ubuzima buciriritse ni uguhabanya n’uwo uri we muri Kristo! Ese wari wamenya uwo uri we w’ukuri muri Kristo? Uri intsinzi iri mu muntu; uri ubwiza bw’Imana; ufite imbaraga zikiza indwara, zishobora gutanga ubuzima muri buri rugingo rw’umubiri wawe! URI IGISUBIZO!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**NZI UWO NDIWE MURI KRISTO! Ndi igisubizo! Imana yangize urufunguzo rufungura inzugi zose zikinze. Muri uyu mwaka, nzatungura buri wese utanyizeraga, mu Izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 1:3-4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: Zaburi 25, 29, 33, 36, 39.



**Abaroma 12:1**

Nuko bene Data, ndabinginga ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye.

Igihe uvutse ubwa kabiri, ni inshingano zawe kwita ku mubiri wawe, ariwo rusengero rw'Imana. Ni inshingano zawe kuwitaho kandi ugakomera kugira ngo Imana iwukoreshe. Satani azagerageza kwangiza umubiri wawe, ariko ufite imbaraga zo kumuhakanira kandi ukamuhagarika.

Wibuke icyo umurongo twasomye uvuga: "mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima." Imana iguha ububasha bwo kugenga umubiri wawe. Ni yo mpamvu usanga Abakristo bamwe,

nubwo bafite Mwuka Wera, bakivunwa n'uburwayi. Nuko ari bo bashinzwe kwita ku mibiri yabo. Imana ifite uburenganzira bwo gutegeka umubiri wawe, ariko yagutoreye kuwitaho ku bwayo. Uyu muni, hagaruka mu Ijambo maze ufate inshingano mu nzu yawe, ari wo mubiri wawe. UBIFITE MUNSHINGANO, kandi ibintu byose biri mu nyungu zawe.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbifite mu nshingano; uburwayi ntibungeraho. Ndi icyaremwe gishya muri Kristo, kandi yaciye inzira y'ubuzima bw'ubumana ngo bungereho. Nanze kurwara! Mbaho ubuzima butemba amata n'ubuki kandi Imana ituma mpora mfite amagara mazima. Haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 6:19-20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 8-9, 1 Ingoma 18

**Imigani 24:16**

**Kuko umukiranutsi naho yagwa karindwi yakongera akabyuka, Ariko abanyabyaha bazagushwa n'amakuba.**

Kwihangana ni rimwe mu mahame y'ingenzi kubashaka kugera ku buzima bw'intsinzi! Bibiliya itubwira inkuru y'umwana w'umuhungu Yozefu wari ufite impano yo gusobanura inzozi. Abavandimwe ba Yozefu bamugiriye ishyari baramugurisha ngo abe umucakara muri Egiputa. Mu bindi bigoye yahuye nabyo muri Egiputa, yarabeshyewe, byatumye ajanywa mu nzu y'imbohe. Ariko, ububasha yarafite bwo gusemura inzozi byageze kwa Farawo, bituma azamurwa mu ntera aba umujyana wizewe ndetse n'uwa kabiri mu butegetsi mu gihugu cyose!

Yozefu ni umwe muri benshi muri Bibiliya wagaragaje akamaro n'imbaraga biri mu kwihangana. Utitaye ku biri kuba mu buzima bwawe, jya wibuka ko byose bifatanyiriza hamwe kuzanira ibyiza abakunda Imana! Uko ukomeza icyumweru cyawe, ujye uhora uhamba ubutware bwa Yesu Kristo hejuru ya buri kibazo kiri mu buzima bwawe n'ubw'umuryango wawe. Uzabona ukuboko gukomeye kw'Imana gukora ibitangaza mu buzima bwawe.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**MBAHO UBUZIMA BWO KWIHANGANA. NTITAYE KU BINGOYE, nzatsinda ndenzeho kubyo abantu bari binyitezeho. Muri uyu mwaka, AMASO YANJYE AZABONA KUGIRA KW'IMANA! Hale-luya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaroma 28:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 50, 53, 60, 75

**Daniyeli 12:3**

**Kandi abanyabwenge bazarabagira-  
na nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru,  
n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi  
bazaka nk'inenyeri iteka ryose.**

Nta byishimo bisumba gushimisha Ima-  
na no gusohoza umugambi wayo uyo-  
bora abanyabyaha mu nzira y'agaki-  
za. Ntiwavuga ko uri Umukristo uhamye  
udashyira imbere umuhamagaro wo  
kubwiriza abandi Ubutumwa bwiza.

Umwami Yesu Kristo ubwe yasobanuye  
umuhamagaro we ku isi igihe yavuga-  
ga ngo, "kandi Umwana w'umuntu  
yazanywe no gushaka no gukiza icyari  
cyazimiye." (Luka 19:10) .

Urabibona? Niba tuvuga ko tumeze  
nka Kristo, umurimo yaje gukora niwo  
natwe tugomba gukora.

Nk'Abakristo, duhamagarirwa gukora umurimo wo kunga Imana  
n'abantu tukazana benshi kuri Kristo burigihe, bitari ibyo gukora igihe  
ari gahunda y'urusengerero yo kubwiriza ku muhanda gusa buri cyum-  
weru. Amata n'ubuki bisobanuye kuganza, imigisha no kuzuzwa. Bwira  
umuntu Yesu uyu munsu!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umu misiyoneri woherejwe mu gihe nk'iki! Uyu munsu nda-  
koresha buri mahirwe yose mbona mfashe umuntu kwakira im-  
pano nziza y'agakiza. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 28:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Samweli 10, 1 Ingoma 19, Zaburi 20



**1 Yohana 5:4**

kuko icyabyawe n'Imana cyose kinisha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.

Abakristo benshi basubiramo iki cyanditswe cyo haruguru badasobanukiwe byuzuye icyo bivuze kunesha isi. Iyo wanesheje isi, uba ufite imbaraga n'ububasha bwo uganza imikorere y'isi. Ijambo 'Kuganza' bivuze kugira ubutware no gutegeka! Ibi nibyo Bibiliya itubwira twakoze, twaganje isi na sisitemu zayo.

Nk'umukristo uri uwaraganwe na Kristo, Bibiliya itubwira ko ibintu byose biriho n'ibizaza ari ibwawe! Ujye uhora uhamya uwo uri we muri Kristo, uvuga uti, "Mfite ubutware hejuru y'ibintu byose; Isi ni iyanjye!" Ufite impapuro

zibiguhesha - Ijambo ry'Imana! Rero, utifaye ku bigukikije, uracyafite ububasha bwo kuganza imikorere y'isi ukayikoresha mu nyungu zawe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi Uw'Imana kandi nanesheje isi! Ndi Imana-muntu, uwo Kristo atuyemo. Imana yampaye ubutware hejuru ya byose bigendanye n'ubuzima n'ubumana. Nta kintu na kimwe mubuze; ubukungu bwanjye ntibugira umupaka, ntibubasha kubarwa. Nanesheje imbaraga zose zashaka kwishyira hejuru, mu Izina rya Yesu Rikomeye!**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 3:21-22

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 65-67, 69-70

**3 Yohana 1:2**

**Ukundwa, ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umufima wawe uguwe neza,**

Umugambi mwiza w'Imana ku buzima bwawe ni uko utera imbere byuzuye. Ishaka ko ugubwa neza muri byose - mu mwuka wawe, mu magara yawe, no mu mafaranga yawe. Ushobora kuba ufite ukwizera guhagije mu gice kimwe cy'ubuzima bwawe ariko ugihanyane n'indwara cyagwa ufite ibibazo by'amafaranga. Ariko Imana ishaka ko ubigira byose - iby'umwuka, iby'umubiri n'ibifatika. Nicyo Imana iharanira - ubuzima bwuzuye butunganiwe aho buri gice gishisha.

Iki cyanditswe kivuga nanone ko kugubwa neza k'umwuka wawe aricyo

cy'ingezi. Imana ishaka ko ugubwa neza mu bukungu bwawe no mu bifatika, ishaka kandi ko ugira amagara mazima. Iyo ufite ubuzima bwiza, ntabwo ukenera gukira kw'indwara kuko uba utarwara. Si byiza? Bigire impamo ubaho nkuko Ijambo rivuga! Uryibiremo, uryige, uritekerezeho, maze ribe itabaza rikuyobora mu kugubwa neza!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umuntu ufite Ijambo ry'Imana, ndatura kandi ndategeka ko mfite kugubwa neza byuzuye binyuze muri iri Ijambo ry'Imana ry'uyu muni mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 4:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 11-12, 1 Ingoma 20

**Abaroma 1:16**

**Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki,**

Inkuru Nziza ya Yesu Kristo niyo yonyine yashyira umunyabyaha mu mwanya w'agakazi no gukiranuka. Nta yindi nzira byacamo! Bica gusa mu kubwiriza abantu ubutumwa bwiza kugirango ugukiranuka kw'Imana gutwikururwe kandi kumenyekane. Bihabanye n'ibinyoma byinshi bimeneyerewe ko hari izindi nzira zo kugera ku Mana, nta zindi nzira zihari zo kwakira Kristo uretse iyo umuntu abwirijwe ubutumwa bwiza nuko maze agakiza kakakirwa.

Aha niho uruhare rwawe rukenewe. Niba ukiri kugerageza kumenya umu-

hagararo wawe uwo ari wo, dore umuhamagararo utegetswe gukora. Wahawe umurimo wo kwigisha ubutumwa bwiza ukabugeza ku mpera z'isi. Ni umuhamagararo utari uw'abayobozi mu itorero gusa; ni ikintu nawe ugomba gukora ushize amanga, wizeye, ufite ishyaka no guhamya. Ntugomba kugira isoni cyangwa ngo ubisabire imbabazi ibya Kristo n'ubutumwa bwiza. Ntukagire ipfunwe ry'uwo uri we muri Kristo, kandi ntukemerere n'abandi kugutera ipfunwe kubera ibyo wizera.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nta soni mfite z'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo! Ni wo muhamagararo wanjye ukomeye, kandi nywugenderamo n'umutima wanjye wose no gushira amanga! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Daniyeli 12:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 32, 51, 86, 122



# GOODNEWS NATION EXHIBITION 2023

WITH PROPHETS  
**UEBERT & BEBE ANGEL**

The annual GoodNews Nation Exhibition features all of the exploits and achievements of the GoodNews World Ministry including the well renowned GoodNews Daily Devotional which has made a huge impact across the world. The event takes place during the Annual Exodus Crossover Season with The Commander-in-Chief of The GoodNews World, Prophet Uebert Angel.

The GoodNews Nation Exhibition helps expand the vision and inspires faith for the future of our leaders and our partners.



The Lord has called us to fulfill a very definite purpose, which is to take His divine presence to the peoples and nations of the world, through the vehicle that is The GoodNews Daily Devotional and to demonstrate the character of His Spirit everywhere.



**Zaburi 105:1**

**Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye, Mwamamaze imirimo yakoze mu mahanga.**

Hari imbaraga zihindura mu buhamya bwawe! Ni inshingano zawe bwite guhamya ineza y'Imana mu buzima bwawe! Umurongo twasomye haruguru utubwira ko tugomba kwamamaza izina ry'Imana tukabwira amahanga ibyo yadukoreye. Mu yandi magambo, GENDA UBWIRE UMUNTU! Ntabwo imbaraga zose z'umwijima zizi uwo uri we cyangwa uri muri wowe. Rero, ikintu cyambere ugomba gukora igihe winjiye ahantu hashya ni uguhamya. Igihe uhamije, wohereza ibimenyetso mu buryo bw'umwuka bimenyeshya icyaremwe cyose ko uri umwana w'Imana kandi imbaraga ze zikorera muri

wowe!

Binyuze mu buhamya bwawe buhindura, utera umwete abandi, ukazamura kwizera kwabo kugira ngo bakire igitangaza cyabo! Bibiliya itubwira ko binyuze mu mbaraga zo guhamya kwacu, dutsinda buri kimwe cyose cyahagurukiye kuturwanya. Rero wibuke, intego y'umwaka ko ari amata n'ubuki, ibyo bisobanuye ko ubuhamya bukwiye kuba umugati wa buri munsu muri uyu mwaka, uzakomeza guhamya mw'izina rya Yesu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzahamya aho nzajya hose mbwire amahanga ibyo Imana yankoreye. Nzahindura ubuzima bwange binyuze mu mbaraga zo guhamya! Nimvuga ubuhamya bwanjye abadayimoni bazashya ubwoba. Muri uyu mwaka, nzatanga ubuhamya kurusha ikindi gihe! Intumwa z'umwijima, mwitegereze!**

### IBINDI BYANDITSWE

Ibyahishuwe 12:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 samweli 13-15



**Matayo 5:14**

**Muri umucyo w'isi. Umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi ntubasha kwihisha.**

Uri umucyo w'isi! Umucyo utanga icyerekezo; nk'umucyo, inshingano yawe nk'umukristo ni ugutanga icyerekezo ku bari mw'isi ubereka ubuzima bagomba kubaho! Ni wowe ukwiye kubereka uko bagomba gutsinda nuko waba umucyo wirengagije umwijima uhari. Yesu yarangije gukora uruhare rwe ubwo yatangaga agakiza ku bantu bose binyuze mu rupfu rwe rw'agashinyaguro no kuzuka mu cyubahiro! Ubu, ni inshingano zawe kubaho mu buzima butanga umucyo ukabwira amahanga yose imbaraga z'Imana zikiza!

Nk'umucyo urabagirana, wirukana umwijima aho ujya hose, bivuze ko gukena, uburwayi, n'ikindi kintu kibi cyose ntamwanya gifite mu buzima bwawe cyangwa ubw'umuryango wawe! Reka Inkuru Nziza ya Yesu igurumane bihoraho muri wowe kandi binyuze muri wowe! Uri umuntu uhagarariye Imana ku isi! Ba urugero mu mivugire yawe no mu myitwarire yawe. Uri umucyo n'ibyiringiro by'iyi si, umucyo udashobora guhishwa! Garagaza ko gutemba kw'amata n'ubuki ari ukuri koko haleluya!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho mu buzima burabagirana! Umucyo wanjye wirukana umwijima. Ndi inzu y'urumuri izana icyerekezo ku basare babuze inzira! Ndi uhagarariye Imana kw'isi! Urumuri rwanjye ruza-twika kurusha uko byigeze muri uyu mwaka. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yohana 8:12

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 3-4, 12-13, 28, 55

**Imigani 23:18**

**Kuko hariho ingororano koko, kandi ibyiringiro byawe ntibizakurwaho**

Mu bijyanye n'umwuka, tuvugako kwizere ari umubyeyi w'ibitangaza, kandi ibyiringiro ni we mubyaza. Muyandi magambo, kugira ngo igitangaza cyawe kibyarwe mu mahoro kandi neza, ukeneye umubyaza w'ibyiringiro kugira ngo agufashe kubikora!

Urareba, iyo witeze ibidasanzwe, byongera ibirenze ku bisanzwe. Ntacyo bivuze ko ubuzima bwawe bwumagaye. Ntacyo bivuze ko bakwirukanye mu kazi. Hamwe no kwiringira, udafite ikintu na kimwe mu kuboko kwe ni we Imana ikoresha ihindura ubuzima atari ubuzima bwe gusa ahubwo nubw'aba muri iruhande nabo bakabiboneramo

inyungu. Komeza ibyo Imana yagusezeranije maze ugende wiringiye gutemba kw'amata nubuki uyu muni!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uko ntangira umunsi wanjye none, nuzuye ibyiringiro ko ibintu bihambaye biri bube. Igitangaza cyanjye ntikikiri ahantu mu nguni; cyahageze! Ndagaruka mu rugo mfite ishimwe! Imana ihabwe icyubahiro.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 1:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Samweli 16-18



### 1 Abakorinto 2:12

**Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'iyi si, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu.**

Kubaho bisanzwe ni igitutsi ku buzima Imana ikwifuriza! Nk'umwana w'Imana, ubaho ubuzima buri hejuru y'imigenzereze y'isi; Rero ibikorwa byawe bikwiye kujya ku murongo umwe n'icyo Imana yaguhamagariye kuba cyo! Anga ubuzima busanzwe, byaba ari mafaranga asanzwe, umunezero usanzwe, cyangwa ubuzima busanzwe. Bibiliya ivuga ko ibintu byose wabiherewe ubuntu! Imana icyo ishaka ko ubaho hejuru y'ibibazo by'iyi si bidahoraho kandi ukabaho ubuzima bw'ubutsinzi, ubuzima BUDASANZWE!

Nta kintu ukeneye Imana itagushyiriyeho ngo ukibone nk'umukristo. Binyuze mu gukura mw'ijambo, umenya ibyo Imana yaguhaye. Iyo ugendera mu kumenya umugabane wawe nk'umukristo, ntamwanya w'ibisanzwe uzaboneka mu buzima bwawe! Reka amavuta y'umwuka wera abe ubuturo bwawe buri muni, kura mu bumenyi bw'ijambo ry'Imana maze urebe ngo ubuzima bwawe burava mu bisanzwe bujya mu bidasanzwe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**NANZE UBUZIMA BWANJYE BUSANZWE. Ndi ikiremwa kidasanzwe; niyo mpamvu, mbaho ubuzima bw'ubutsinzi, butembamo amata n'ubuki. Nabyawe ni Imana kandi mbaho nk'uko kamere y'ubumana iri! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 abakorinto 3:21

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: zaburi 26,40,



**Abagalatiya 4:1**

**Ariko ndavuga yuko umuragwa iyo akiri umwana atagira icyo atandukanaho n'imbata, nubwo yaba ari nyir'ibintu byose.**

Hari ukuri mw'ijambo ry'Imana gushobora kugucaho igihe utagendeye mu kuri kw'uko amaraso ya cyami akurimo! Isezerano Imana yahaye abantu bayo ryo kubaho mu buzima butembamo amata n'ubuki riracyahagaze uyu muni nkuko byari biri, ariko ugomba guhitamo kugendera muri uko kuri. Tugendeye ku murongo w'uyu muni biri mu biganza byawe nk'umukristo ngo uhitemo: ese uzabumuragwa cyangwa umugaragu? Nukomeza kwitwara nk'utazi uwo uriwe, udakura cyangwa ngo ugendere mu masezerano Imana yavuze ku buzima bwawe, uzaba um-

wana kandi ubeho ubuzima bw'umugaragu.

Iyo ubayeho ubuzima bw'umuragwa, ntabwo ukena kuberako ubukene si umurage wawe nk'umwana w'Imana! Fata icyemezo cyo gukura uve mu bwana ujye muburage, kandi wishimire buri sezerano ryawe usanzwe ufite uheshwa n'uburenganzira bwawe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**DNA y'Imana iri muri njye; nicyo gituma, ntazabaho ubuzima bw'ubucakara. Ubutunzi ni ubwanjye, haleluya!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 32:8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 samweli 19-21



**Abafilipi 4:6-7**

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima. 7Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.

Ibihe byinshi, uca mu bikomeye mu buzima bwawe kandi ntumenye uko wabikemura kuko udafite Imbaraga z'isengesho! Imana ntiyatubwiye gusenga kugirango dusenge gusa ahubwo hari imbaraga zihariye ziri mu gusenga! Kubaho ubuzima bwa Gikristo udasenga ni nko kujya ku rugamba nta ntwaro! Iyo usenze, uba urimo kwitegura icy'aricyo cyose umwanzi yagerageza kuguteza!

Umurongo wo haruguru utubwira ko iyo ushimye Imana ukanasenga, guhangayika biba ibya kera, kandi Amahoro y'Imana aruta ibyo umuntu yakwibwira azarinda umutima wawe atagendeye kubyo uri gucama. Koresha imbaraga ziri mu gusenga mu nyungu zawe uyu munsu!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Iyo nsenze ibintu birahinduka! Nitegurira buri kintu uko cyaza kimeze kose mu mbaraga z'amasengesho! Kubw'impamvu z'amasengesho yanjye, amahoro y'Imana yuzuye ubuzima bwanjye, mw'izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITSWE

Luka 18:1

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Zaburi 5,38,41-42

**Umubwiriza 9:11**

**Nongeye kubona muni y'ijuru mbona yuko aho basiganwa abanyambaraga atari bo basiga abandi, kandi mu ntambara intwari atari zo zitsinda, ndetse abanyabwenge si bo babona ibyo kurya, n'abajijutse si bo bagira ubutunzi, n'abahanga si bo bafite igikundi, ahubwo ibihe n'ibigwirira umuntu biba kuri bose.**

Abakristo benshi bakora amakosa yo kugereranya urugendo rwabo nurw'abandi. Imvugo nka, " nzi aho ngomba kuba ndi ubu," nubwo bigezweho, si iby'Imana ! icyanditswe cy'uyu muni kitubwira ko gusiganwa atari ukw'abanyambaraga. Kuba utari aho watekerezaga kuba uri ntibivuze ko Imana yakwibagiwe cyangwa utari uw'agaciro mu maso yayo. Igihe cy-

awe n'amahirwe yawe bizaza!

Mu mukino wo kwiruka, abasiganwa bakangurirwa gutumbera umurongo wo gusorezaho kandi ntibarebe inyuma ku ntugu zabo mu gihe cy'amasiganwa kuko bishobora kubakerereza mu nzira. Muri ubwo buryo iyo urebye isiganwa ry'abandi aho kugira ngo wite ku inzira yawe, ushobora kutabona umurongo usozaga urugendo maze bikagutinzira mu nzira! Iga kwita ku cyo Imana yaguhamagariye gusa. Ukure mw'ijambo buri muni, kandi ntiwite kubyo abandi bari gukora.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi mu nzira yange! Nitaye ku murongo nsorezaho; sindeba inyuma mu isiganwa kandi namaze gutsinda mw'izina rya Yesu! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yesaya 26:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 samweli 22-23, zaburi 57



**Luka 5:16****Ariko we abavamo yiherera mu butayu asenga.**

Mu isi irimo ibirangaza byinshi, biroroshye kutita ku mwanya wawe wihereranye n'Imana. Niba utazi akamaro ko kwihherera, hari byinshi ushobora kubura mu buzima! Ni ingezi ko buri mukristo wese ashiraho umwanya we wihariye n'Imana. Mbere y'ihishurirwa, habanza kwihherera! Numenya agaciro ko kugira umwanya wawe wihariye n'Imana, uzatangazwa n'impinduka bizagira ku buzima bwawe.

Inshuro nyinshi muri bibiliya, tubona Yesu ashiraho igihe cyo kubana na Data bonyine! Buri mukristo agomba gushyiramo imbaraga kugira ngo ashireho umwanya we wihariye ari kumwe

n'Umwami w'abami bari bonyine! Turi mu mwaka wahanuwe, umwaka w'Amata n'ubuki. Ibyo bisobanuye kugira imigisha igeretse ku yindi! Byutsa iyo migisha binyuze mu kumarana umwanya n'Imana mwenyine!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uko marana umwanya n'Imana twenyine, niko umucyo w'ubwiza bwe mu buzima bwanjye wiyongera. Nahinduwe mva mu bwiza njya mu bundi, mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 14:23

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 95,97-99



**Abaroma 8:5-6**

**Abakurikiza ibya kamere y'umubiri bita ku by'umubiri, naho abakurikiza iby'Umwuka bakita ku by'Umwuka. Umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'Umwuka uzana ubugingo n'amahoro.**

Imyumvire itariyo igezweho mu Bakristo nuko guha ubuzima bwawe Yesu biba byujuje urugendo rwawe n'Imana. Ariko, guha ubuzima bwawe Yesu ni intambwe ya mbere mu rugendo rwawe rukubiyemo byinshi. Ugomba guhora utekerekereza ku bumwe na Mwuka Wera bwawe. Imana yarakuremye, kandi Imana ni umwuka, bisobanuye ko inkomoko yawe nk'umwana w'Imana ari mu mwuka! Kugira ngo ubeho ubuzima bwawe uko bikwiriye ugomba kwanga ibyo umubiri ushaka! Igihe cy-

ose wumva usunikirwa gukora ikintu, banza wibaze niba ubwo bushake buvuye ku Mana, mubiri wawe cyangwa kuri satani!

Gisha inama Mwuka Wera ku bijyanye n' amashuri yawe, akazi kawe, urushako rwawe n' abana bawe! Iyo wemereye Umwuka wera ko akuyobora, ubona amahoro arenze ayo isi itanga. Intsinzi yawe ubwayo igendera ku bushobozi ufite mu kumenya iby'umwuka. UJye usoma Ijambo buri munsu, witandukanye nabo muri iyi isi, maze wirebere ukuntu uba inzu y'imbaraga z'umwuka!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi inzu y'imbaraga z'umwuka ! mbayeho mu buzima buyobowe n'Umwuka w'Imana, kandi umubiri ntufite imbaraga mu gufata imyanzuro kwanjye!**

### **IBINDI BYANDITSWE**

1 Abakorinto 2:14

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 2 Samweli 24, 1 Ingoma 21-22, Zaburi 30

**Luka 6:12-13**

**Nuko muri icyo minsi avayoye ajya ku musozo gusenga, akeshya ijoro asenga Imana. Ijoro rikomeye ahamagara abigishwa be, atoranyamo cumu na babiri abita intumwa.**

Niba ushaka kubaho mu buzima bw'ubutsinzi, abo uhitamo mugenda ni ingezi! icyanditswe cy'uyu muni kitwereka ukuntu Yesu yarazi akamaro kabo bagendanaga n'ingaruka zuko guhitamo kuzagira mu gihe kizaza. Agaragara ajya ahantu hiherereye akahamara ijoro ryose asengera ayo mahitamo yari agiye gukora. Akenshi, abakristo bahitamo abo bagendana bagendeye ku bipimo isi yashyizeho aho gukurikiza iby'umwuka! Ntugahiteho inshuti ugendeye ku kuba mukunda ibiganiro bya televiziyo bimwe nk'ibyo

ukunda. Hitamo abantu bahuye n'umuhamagararwawe.

Daniyeli ni urugero rwiza rwo muri bibiliya; yari afite inshuti nziza. Igihe Umwami yatangaga itegeko ryari bumuhungabanye rikamushyira mu byago, Daniyeli yahamagaye inshuti ze ngo basenge maze Imana ibaha igisubizo ku gusaba kwabo. Izi nizo inshuti ukwiye kugira, inshuti zituma wegerana n'Imana kandi zikakwerekeza mubikwiye!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nyoborwa n'Umwuka Wera igihe mpitamo abo niyegereza. Mpitamo inshuti zintera umwete wo gukora imirimo myiza atari imibi , mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 13:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 108-110



**2 Abakorinto 4:18**

**Natwe nfitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose.**

Dukoresheje amaso asanzwe bishobora kugaragara ko hari amagana y'imbogamizi n'ibigeragezo bikubuzza kugera ku ntego zawe, ariko umurongo wo hejuru uvuga ko ibyo tubona ari iby'igihe gito! Buri "rukuta" ushobora guhura narwo ni imbogamizi yo mu bitekerezo! Nk'umukristo, nta kintu na kimwe gishobora ku kwitambika mu nzira yawe! Bibiliya ivuga ko uri muri mwe aruta uri mu b'isi, bisobanuye ko nta kigeragezo uzahura nacyo kiruta Imana ituye ikanakorera muri wowe!

Muri bibiliya, tubona intumwa zama-maza inkuru nziza y'ubuntu bw'Imana

igihe abantu bangaga abakristo kuburyo babatotezaga bakanabica. Ariko kubera umusanzu abigishwa batanze mu Bwami bw'Imana, ubukristo bukomeje gukura nyuma y'imyaka +2500 ishize. Ibi bishoboka bite? Ni ukubera ko banze kureba imbogamizi zari zibari imbere! Wiha agaciro imbogamizi zitambitse mu buzima bwawe zikubuzza kubaho ubuzima butemba amata n'ubuki.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Nta NA KIMWE cyansenya! Nanze guha agaciro buri mbogamizi umubi agerageza gushyira mu nzira yanjye! SINSHOBORA GUTSINDWA! Icyubahiro ni icy'Imana. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 yohani 4:4

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 ngoma 23-25



**1 Abami 18:43-44**

Abwira umugaragu we ati "Zamuka witegereze ku nyanja." Arazamuka aritegereza aragaruka aravuga ati "Nta cyo mbonye." Amubwira gusubiraye agira karindwi. Agezeyo ubwa karindwi aravuga ati "Dore mbonye igicu gito kingana n'ikiganza cy'umuntu kiva mu nyanja." Eliya aramubwira ati "Genda ubwire Ahabu uti 'Itegere igare ryawe umanuke imvura itakubuza.'

Igihugu cya Isiraheli cyahuye n'amapfa n'inzara kugeza igihe umuhanuzi Eliya yaratuye ngo," ndumva ijwi ry'imvura nyinshi." Mu isi isanzwe, ijwi ry'imvura ntiryumvikanaga, ariko mu isi y'umwuka, Eliya yumvaga umuhindo w'imvura yitegura kugwa! Nubwo umuhanuzi yabyatuye, imvura ntiyahise igwa ako kanya. Umugaragu wa Eliya yagiye kureba inshuro esheshatu mbere yuko abona

agacu gato kabyaye imvura!

Benshi bakora ikosa ryo gushaka imvura ako kanya! Ntukananirwe kureba ibimenyetso bito Imana iguha biguteguza ibyinshi bigiye kuzal! Iga kwishimira aho Imana imaze kukugeza mu buzima bwawe. Iyo urebye bwa mbere, ako kazi cyangwa ayo mahirwe ashobora kuba agaragara nk'aho ari mato cyangwa aciriritse; ariko, ashobora kukubera imbarutso cyangwa agacu gato gatanga ikimenyetso k'ibindi binini bigiye kuzal! Ugomba guhozaho. Reba ku bimenyetso bigaragara by'amata n'ubuki! Komeza ushakishe ibyo bimenyetso byo kwizera, maze ibyinshi bizakurikaho!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nziko Imana iri kuntegurira ibyiza bihambaye mu buzima bwanjye! Muri uyu mwaka, ndimo kubona buri gicu kiri imbere yanjye, Mu Izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 29:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 131, 138-139, 143-145



**Matayo 28:19-20 (KJV)**

**Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. Amen.**

Wagizwe umwigisha w'amahanga! Ni inshingano zawe nk'umwana w'Imana gushimangira intsinzi ya Kristo mu muji wawe wamamaza ubutware bwa Yesu ahantu hose ujya! Gutsinda ubugingo ni umukoro wahawe buri mukristo bitagendeye ku myaka, akazi ukora cyangwa amakosa yawe. Muri Bibiliya, tubona Pawulo, warenganyaga abakristo mbere yo guha ubuzima bwe Kristo, abwiriza ahantu hatandukanye

kw'isi byatumye ibihugu birenga birindwi biba ibihugu by'Abakristo.

Bibiliya itubwira kwigisha buri kiremwa, bisobanuye ko hari ahantu ho gutsindira ubugingo kuri Kristo aho wajya hose mu isi! Haba ari mu ishuri, aho ukora, cyangwa aho barira, aho ujya hose ni ahantu heza ho gutsindira ubugingo kuri Kristo! Imana iri kumwe nawe iteka, rero ntutewe ubwoba no guhakanywa nuwo ariwe wese. Waremewe gukora ibi!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfashe inshingano zo gutsinda ubugingo kuri Kristo mu kazi kanyje, ku ishuri no mu mugi ntuyemo! Amahanga azamenya Izina ry'Imana kubera NJYE! Muri uyu mwaka, abantu bazamenya nk'umuntu WA MBERE UTSINDA UBUGINGO KURI KRISTO.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

Mariko 1:15

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 ingoma 26-29, Zaburi 127





**Zaburi 1:3**

**Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi, Cyera imbuto zacyo igihe cyacyo. Ibibabi byacyo ntibyuma, icyo azakora cyose kizamubera cyiza.**

Hari abakristo bavuga ngo, "ntitugomba guhora duteganya ibyiza biva ku Mana; rimwe na rimwe tugomba kwitegana n'ibibi kubera ko ubuzima ari hasi no hejuru." Iyo ni imyumvire ihabanye n'ubutumwa bwiza. Imana ntabwo iri inyuma y'ibibi no kubabara biri mu isi. Inzozo zayo, zamaze no kukubera impamo muri Yesu Kristo, nuko ugendera mu iterambere ryuzuye. Ibyo birimo amafaranga ndetse n'ibirenze amafaranga!

Urabona, nta muntu wavukiye mu isi wagenewe n'Imana kuba umukene,

kurwara, gushavura, kugira agahinda gakabije, gutsikamizwa cyangwa gutofezwa. Ahubwo, Umugambi w'Imana nuko abantu bose batera imbere, bakaubwa neza kandi bakagira amagara mazima nk'uko n'ubugingo bwabo buguwe neza (3 Yohana 1:2). Ishaka ko ugubwa neza mu mwuka wawe, mu bugingo bwawe, no ku mubiri wawe. Iyi niyo mpamvu udakwiye gutunga cyangwa kwemera kugira indwara, ubukene, gutsindwa cyangwa ngo uhore utekereza amafaranga gusa; icyo ikwifuriza kirenze amafaranga. Ubuhanuzi bw'amata n'ubuki busobanura ko buri gice cyose cy'ubuzima bwawe cyuzuye umusaruro Imana ishimwe!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho ubuzima hejuru y'ibiri kuba, Kure cyane hejuru yabyo. Iterambere ryanjye rirashinganye kandi ririmo amafaranga n'ibindi birenzeho. Ndi umutunzi, mu Izina rya Yesu!**

**IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 4:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 111-118

**Gutegeka kwa kabiri 29:5**

**Kandi Uwiteka ati “Namaze imyaka mirongo ine mbashorerera mu butayu, imyambaro yanyu n'ibashaziyeho, inkweto zanyu n'ifasaziye mu birenge byanyu.**

Imana yahaye buri umwe mu bana be uburyo bwo kubona ibimutunga mu buryo buhambaye! Bibiliya itubwira ko igihe Abisiraheli babohowe mu buzima bw'uburetwa bajya mu butayu, Imana yitaye kucyo buri wese yari akeneye. Nubwo ubutayu bwari bubi kandi butagira amazi, ntibigeze bicwa n'izuba ryinshi, imyenda yabo ntiyigeze isaza, kandi ibirenge byabo ntiyabyimbye yangwa no bibabare. Abisiraheli bari ibiremwa byo mu Isezerano rya Kera. Ibaze wowe, ufite Umwuka Wera! Iyo Mana niyo iguha ibigutunga kandi ira-

kurera uyu munsu!

Bamwe bakora amakosa yo kugerageza kwikemurira ibibazo by'ubuzima bonyine batazi neza ko Kristo ashaka kubatunga! Nubwo byasa nk'aho ibyo uri kunyuramo bitasubirana, cyangwa ukaba uri mu ubutayu bwimbitse kandi ibibi byinshi bikuzengurutse, ibuka ko ubaho bitagendeye ku miterere y'ibyo uri kunyuramo kandi ko numenya ukubaho kw'Imana mu buzima bwawe, Izaguha ibigutunga, n'urukundo no kwitabwaho.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mbaho ntagendeye ku bingose! Imana iri kumwe nanjye ibihe cyose kandi yamaze kumpa amata n'ubuki ititaye ku ngorane nahura nazo! Muri Kristo mpabwa IBINTUNGA MU BURYO BUHAMBAYE! Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 4:19

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: 1 Abami 1-2, Zaburi 37,71,94



### 2 Timoteyo 3:16

Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka.

Tekereza kuri uwo murongo isegonda! Ibyanditswe Byera byose byatanzwe n'Imana; bivuze ko byahumetswe n'Imana. Noneho haravuga ko bigira inyungu, bivuze ko bikuzanira inyungu. Mbega ijambo!

Mu by'ukuri, ibyanditswe byera byigisha inyigisho, bivuze ko bikwigisha kandi bikagushyira mu murongo. Ijambo ni iryo gucyaha no gukosora. Ijambo 'gukosora' hano ni epanórhōsis mu kigereki, bisobanura gutunganya icyangiritse. Ijambo rero niryō GUTUNGANYA

ikintu cyose gikeneye gusanwa mu buzima bwawe no mubyo unyuramo. Urabibona? Wigeze ubibona muri ubwo buryo? Ijambo ntirikosora inenge gusa mu myitwarire yawe; rikosora n'ibindi byose bitagenda neza nawe kugirango ube usanywe. Byaba ibibazo by'amafaranga, ibibazo by'ubuzima, ibibazo by'imibanire, n'ibindi. Ijambo rizaguha epanórhōsis. Rizagutunganya ndetse n'ibindi byose bitagenda neza mu buzima bwawe.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite untunganya ku ruhande rwanjye. Nshobora kohereza Ijambo kugirango ritunganye ibibazo byanjye byose. Uyu munsu ndahaguruka nohereza Ijambo nka porotokole kuri ejo hazaza hanjye kugira ngo inzitizi zose zikemuke mu Izina rya Yesu! Amen.

### IBINDI BYANDITWE

Abaroma 8:28

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Zaburi 119



# GOODNEWS TESTIMONIES



## **Semi Wara**

24 years ago Semi Wara joined the British Army and served as a soldier. He did tours to Cyprus, Iraq, Afghanistan and also served in Somalia for the British Embassy. Whilst serving on a tour in Afghanistan in 2006, he experienced first-hand, what it was like to fight the Taliban and lost many close friends in this war. He was looking to fill this empty void in him but God always had a plan, and a purpose in his life and that was made possible when he joined Spirit Embassy The GoodNews Church. He has served his country as a soldier for many years but the biggest reward is serving Jesus Christ, and being a soldier in God's army.



## **Michelle Mason**

11 years ago Michelle Mason was living a life of sin working as a lap dancer. She used to coordinate private parties at a gentleman's nightclub. She was indulging in a life of alcohol and drugs and her life spiralled drastically out of control. She was lost and broken and had no ability to live a sober life. Years later she became a Christian and left that lifestyle and separated herself from the things of this world. She had a personal encounter with Jesus Christ that made her realise that you are never too far gone, God will call you, appoint you, and work through you to bring Him glory. Through joining Spirit Embassy, God's Word had completely transformed her life.



## **Trance Hove**

At the age of seven Trance Hove was introduced to Hip-Hop music. During his teen years the music he listened to as a child had shaped him as a young adult. He then started to hang out with drug dealers, career criminals and violent gangsters in the area he grew up in. He was attracted to the money they were making. Although he was making a lot of money by selling drugs, he had to constantly look over his shoulder. He had to leave this lifestyle and he wanted to use his passion for music to influence and inspire the youth to get involved in what God is doing in this generation. He went from making music that glorified the works of the devil to making music to glorify The Lord Jesus Christ.



# GOODNEWS TESTIMONIES



## **Akapusi Qera**

Akapusi Qera is a former Fijian professional rugby union player. He came onto the professional Rugby scene in the 2007 World Cup and became the longest serving captain for Fiji. He has travelled the world and won countless trophies and medals for both country and club, however it brings him so much joy knowing where he has come from and where God has taken him. He now uses his platform to reach millions to point people to Christ and bring glory to God, through the teachings of Prophet Uebert Angel.



## **Elizabeth Grace**

Elizabeth Grace went through a very difficult time in her life when her marriage fell apart. She had to work a full-time job on her own whilst raising a family of five children. As things progressed, it became really challenging for her that she even contemplated ending her life. Whilst going through this ordeal she reached out to some friends who had joined Spirit Embassy The GoodNews Church. After some time she started her own business in healthcare and her business began to grow at an astronomical rate. She became debt-free, and moved into her own home. From living in a council house, eating from a food bank, being unemployed to now owning a successful business and being the employer. She now employs over 70 staff members!



## **Richard Edomwonyi**

In March 2022 Richard Edomwonyi was involved in a severe car accident which resulted in him having a serious neck and back injury. He was unable to move his neck and had to stay in hospital for some time. A month later he attended the Healing Institute which is the healing ministry and a vehicle that God is using to touch lives in nations, through Prophet Uebert Angel. He was prayed for and immediately in that moment he was completely healed and this was the first time he experienced divine healing in his life.





**Matayo 21:22**

**Kandi ibyo muzasaba mwizeye muz-abihabwa byose.**

Inkuru y'umuntu wari ufite ubumuga wari ku kidendezi cyitwa Betesida ni urugero rwiza rujyanye n'umurongo w'uyu muni. Umwami Yesu yabajije uwo mugabo niba ashaka gukira. Aho gusubiza 'yego,' ako kanya yatangiye kuvuga uburyo nta muntu wigeze umufasha muri icyo myaka yose. Hari ibyo uzi bisa nkabyo?

Hari umuntu uri gusoma ibi uyu muni ukora nkabyo neza. Baritotomba bakaninganyira mu masengesho yabo ariko ntibasabe. Umurongo w'uyu muni uravuga ngo SABA! Ibyo gusa! Ntugace hiryo no hino ugerageza gusobanurira Imana ibibi byabaye mu

buzima bwawe – rasa ku ntego.

Uwitwaga ntazigera akwima ibintu byiza. Noneho, shira amanga umenyekanishe ubusabe bwawe ku mana uyu muni. Saba gusa!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndahanura ko ibyo nsabye bizasohora vuba. Data yamaze kumpa ibyiza, kandi nzabaho kandi ngendere muri byo mw'izina rya Yesu! Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 7:11

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 3-4



**Mariko 11:23**

**Ndababwira ukuri yuko umuntu wese wabwira uyu musozi ati 'Shinguka utabwe mu nyanja', ntashidikanye mu mutima we, yizeye yuko icyo avuze gikorwa yakibona.**

Muri siyansi hari ubwoko butandukanye cyangwa ibipimo by'ingufu. Ingufu zigenda ni imbaraga zikoreshwa zigatanga umusaruro. Hariho kandi imbaraga zishobora kuba imbaraga zibitswe gusa, zidakoreshejwe zitagenda. Kwizera nako iyo kudakoreshejwe kuba nk'imbaraga zitamenywe. Ni nk'umuntu utwaye icyuma gikomeye ariko ntamenye ubushobozi bwacyo.

Yesu yahishuriye abigishwa be ko badafite imbaraga zo kuvuma ibiti gusa ahubwo ko bashobora no kwimura imisozi bakayivana ahantu hamwe bakayishyira ahandi. Ufite imbuto yo kwizera muri wowe,

ariko ishobora gutanga umusaruro igihe uyikoresheje. Ushobora kumatungira utegeka abapfuye ngo bazuke, ariko byibuze ububabare bw'umutwe ufite bugomba gushira mbere yuko usaba umushumba wawe kugusengara. Ubwo tugeze hagati mu mwaka w'amata n'ubuki, koresha iyo nyama yitwa kwizera uyu muni ku byerekeye ubucuruzi bwawe, ubuzima, cyangwa amasomo yawe. Tegeka buri cyose kitambitse imbere yawe cyegereye udashidikanya. Ufite umwuka wo kwizera, kandi icyo uzavuga cyose kizakomezwa.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite umwuka wo kwizera muri nje; niyo mpamvu, mvuga. Umucyo urabagirana mu bice byose by'ubuzima bwanjye mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 11:1

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 1, Zaburi 72

**Yohana 15:5**

**"Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite.**

Bisaba ubumenyi busanzwe ngo wumve ko amaraso atemba mu mutwe wawe ariyo maraso atemba mu mubiri wawe wose. Ni ubumenyi bw'ibanze. Intungamubiri zitamba mu ruti rw'igiti ni kimwe n'izitemba mu mashami. Igihe rero Yesu yavugaga ati: "Ndi Umuzabibu, namwe muri amashami," yashakaga kuvuga ko ubuzima buri muri We aribwo buzima butemba muri twe.

Niba ushaka kugenzura DNA y'Imana, igenzure. Ugendana DNA y'Imana, kandi nta kintu kibuzeho kuri ibyo. Nta

kibazo gifite uburenganzira bwo kukuraza amajoro udasinziriyeye kuko wavukiye hejuru, kandi utunyangingo ufite dukomoka mu ijuru. icyubahiriro cy'Imana na kamere yayo ni wowe ubibitse. Nk'uko amata agaburira kandi akanakomeza, niko na DNA Data itugaburira kandi ikadutunganga!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Navukiye mu Ijuru kandi DNA yanjye ikomoka ku Mana. Ngizwe n'ibice bigize Imana, kandi ntakizambuzaga gutsinda cyangwa gutera imbere muri uyu mwaka w'amata n'ubuki. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Yohana 4:17

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Indirimbo za Salomo



**Itangiriro 11:6-7**

Uwiteka aravuga ati, Dore aba ni ubwoko bumwe n'ururimi rumwe, ibyo ni byo babanje gukora none ntakizabananira gukora bagishatse. Reka tumanuke tuhahindurire ururimi rwabo, rubemo nyinshi zinyuranye, be kumvana.

Umuco ni imbumbwe y'imyizerere inganga sosiyete. Ikintu kimwe cy'ingenzi kigize umuco ni ururimi. Ikoraniryo ryose ry'abantu rikoresha ururimi. Ururimi ruhindura imyizerere yacu n'imyitwarire yacu.

Igihe ikiremamuntu cyari gifite ururimi rumwe ku Munara w'i Babeli, biyemeje kubaka umunara wageze ku Mana. Ndetse Imana ntishoboye kubahagarika kandi yahombaga kubatatanya

ikiresheje indimi nyinshi. Nuvuga ururimi rw'Imana, ibyo wubaka byose bizahagarara. Ntiwifiranye ururimi rwawe nk'umwana w'Imana nkurwo abisi. Nibavuga ko hari ukumanuka, uzakomeza kuvuga ko hari ukuzamurwa. Nibavuga ko hari iganuka ry'ubukungu ikomeye, uvuge ko ubona amata n'ubuki muri byose! Vuga ururimi rw'intenzi, kandi ubuzima bwawe bwose buzagira umuco wo gutsinda, gutera imbere no gutunganiwa.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi imbuto y'Imana kandi nkura umuco kuri Data (Imana). Mpagaze kubyo nizera, kandi nzakomeza kubivuga mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Imigani 18:21

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 1-3



**2 Petero 1:12**

**Ni cyo gituma nanjye iminsi yose ntazagira ubwo nirengagiza kubibutsa ibyoye, nubwo musanzwe mubizi mugakomera mu kuri kuri muri mwe ubu.**

Tukiri abana, ntibyashobokaga ko dusobanukirwa ibice bimwe by'imibare, siyanse cyangwa ubumenyi bw'isi kuko ubwonko bwacu butashoboraga kumva cyangwa gusobanukirwa ibyoye bitekereze. Iyo twasubizaga amwe mu mahurizo y'imibare twakundaga kuvuga tuti: "Nta gisubizo" cyangwa "Ntibishoboka" kuko tutabaga tubisobanukiye. Tumaze gukura, twaje gusobanukirwa ko rimwe gukuramo kabiri (1-2) ari ikibazo mu mibare gishoboka kiguha umubare wa rimwe munsu ya zeru (-1).

Ni nako bigenda ku kwizera. Bibiliya ivuga gukomera mu kuri kw'ubu, bivuze ko hariho ukuri kw'ahahise, ukw'ubu n'ukw'igihe kizaza. Urekeraho kumva Imana n'ibitekerezo byayo iyo ugendeye mu kuri Kwayo kw'ahahise. Kugira ngo ukomere mu kwizera kw'ubu, ugomba kuguma mw'ijambo, mu gusenga, no gusabana nayo. Ugomba kugaburirwa ijambo nk'uko amata akugaburira. Imana irigukora imirimo, ibimenyetso n'ibitangaza bidasanzwe mu gihe cyacu. Uzabigiramo uruhare nugendera mu kuri kuriho ubu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mpisemo kugendera mu kuri kuriho ubu. Inzira zanjye zuzuyemo urumuri, kandi sinzasitara cyangwa ngo ntsindwe mu Izina ya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Timoteyo 2:15

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Imigani 4-6

**Abaroma 10:17**

**Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo.**

Ubukristo ni yo myizerere yonyine ishingiyeye ku bumenyi. Kwizera kuzanwa no kumva kandi kumva kukazanwa n'ijambo ry'Imana. Winjiza amakuru muri wowe kugira ngo ubashe gusobanukirwa no kugendera mu rumuri rwa Kristo. Wibuke ko, Bibiliya yemeza ko bidashoboka gushimisha Imana udafite kwizera. Hatariho "igice cyo kwizera" ubona binyuze mu bumenyi, ntibishoboka rwose gushimisha Imana.

Mu mvugo yoroheje, Ubukristo si ubuciriritse. Turi abanyabwenge. Turi abafite umucyo ukomoka mu ijambo ry'Imana. Kugira ngo witwe umwana w'Imana bisaba ubumenyi bw'iby'umwuka.

Hagarara ugende wemye mu kirere cy'ubutware. Utunze ubumenyi bw'ubumana, kandi buri rugingo rwawe rwaremewe gutsinda. Uko usoma iyi nyigisho y'uyu muni, umucyo mwinshi n'ubumenyi biri kwinjira mu mwuka wawe, kandi uzabaho ubuzima bw'intsinzi mu Izinga rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Uri muri nje arakomeye kurusha uri mu isi, uwitwa NdiHo atuye muri nje. Ndi utanga urumuri ku bantu bose bankikije. Hale- luya.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Zaburi 119:130

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 7-9

**Abagalatiya 6:17**

**Uherye none ntihakagire umuntu undushya, kuko mfite ku mubiri inkovu za Yesu.**

Inkovu ni ikimenyetso kugiragara ku muntu cyangwa ku kintu kiyifite. Igitekerezo cy'ibimenyetso cyatangiyeye kuva kera mu gihe byakoreshwaga mu gutandukanya ikintu n'ikindi. Pawulo Intumwa avuga ko afite ibimenyetso cyangwa imikono nkuko izindi nyandiko za Bibiliya zibivuga. Ni nako bimeze kuri nyewe nawe: dufite imikono ya Yesu Kristo mu ngingo zacu. Turihariye muri kamere yacu, kandi birazwi mu mwuka ko dufite imikono ya Yesu Kristo.

Kugira umukono cyangwa ikimenyetso cya Kristo bisobanura ko Nyir'ikimenyetso yakwemereye kujya kwerekana ibyiza bye. Imana yagushizeho ikimenyetso igushyira muri iyi si ngo ugaragaze icyubahiro cyayo. Genda werokane icyubahiro cya Nyirumukono uri kuri wowe, mu Izina rya Yesu!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Umukono wa Kristo uri mu buzima bwanjye bwose. Navutse kugira ngo nerekanze icyubahiro cye muri iyi si. Ibintu byose byanjye bizamera nk'amata n'ubuki mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Ezekiyeli 46:16

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 10-12



**Yohana 6:63**

**Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri nta cyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo mwuka, kandi ni yo bugingo.**

Iyo watuye, uba uri kohereza imiyoboro mu kirere, kandi ayo magambo abaho ngo atange umusaruro. Ururimi rwawe ntiyashyamba amagambo adafite umumaro ahubwo rurema ubuzima n'urupfu cyangwa rukarema intsinzi no gutsindwa. Ururimi rwawe si inyama yo mu kanwa gusa ahubwo ni umuremyi w'ahazaza. Uri aho uri uyu muni kubera uburyo wakoresheje ururimi rwawe, mu buryo bwiza cyangwa bubi. Iyo uvuze ngo, "Ibintu biragoye." iryo jambo riza-genda rigutegereze kugeza ubwo ibintu byose bigukikije bizakugora cyane.

Yesu yavuze ko amagambo yavuze atari amagambo gusa ahubwo ko yari umwuka n'ubugingo. Ufate umwanya wo kwatura uhereye uyu muni, wature amagambo meza. Intsinzi, ubuzima n'iterambere (ari byo; mata n'ubuki) byose ni ibyawe. Ibyo uri gucamo ntibigomba kuguhitiramo ibyo uvuga. Ahubwo, reka umunwa wawe ureme ibyo wifuza.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Akanwa kanjye ni ikaramu y'umwanditsi witeguye. icyerekezo n'ubwami biranturukamo. Intsinzi, amahoro no gutera imbere byose ni ibyanjye. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yobu 22:28

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 13-15

**Yesaya 12:3**

**Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza.**

Iyo ugeze mu ndege, itike yawe ntabwo iba yishyura gusa urugendo. Ni ipaki yuzuye y'urugendo rwose. Ikubiyemo ibyo kurya, ubufasha bwose wakenera, imyidagaduro, n'ibituma ugubwa neza mu rugendo. Ibi byerekana ko igihe wishyuye itike yawe, uba wishyuye n'ibikubiye mu rugendo byose, nta na kimwe kibuzemo. Ni ko bimeze no ku gakiza; ni imbonerahamwe yuzuye izana n'ibintu byiza byose byo mu buzima kugeza ku munsu itorero rizazamurwa.

Umuhanuzi Yesaya yavuze kuvoma mu "mariba" y'agakiza. Bibiliya ntivuga 'iriba' ahubwo 'amariba' mu bwinshi,

bivuze ko hari iriba ry'amafaranga, ubuzima, ubwenge n'ibindi byose. Uko usoma Bibiliya, ujye ugenera umwanya ungana ndetse n'imbaraga zikwiye muri buri gice cy'ubuzima bwawe. Nta kintu kigomba kubura na gato mu buzima bwawe. Uyu munsi, uhagarare ku burenganzira bwawe nk'umwana w'Imana maze ugaruze ibyawe byose mu Izina rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubuzima, intsinzi, gutera imbere n'imbaraga byose ni ibyanjye hamwe n'umuryango wanjye. Ntituzabura amata n'ubuki mu Izina rya Yesu Kristo. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 1:3

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: Imigani 16-18

**Yoweli 3:10**

**Amasuka yanyu muyacuremo inkota, n'imihoro yanyu muyicuremo amacumu, n'umunyantengenke na we ahige ko ari intwari.**

Amagambo tuvuga atanga amajwi n'imiyoboro byohereza abadayimoni cyangwa abamarayika ku murimo. Buri kiremwa cyose cy'umwuka gikenera umurongo w'ijwi urekurwa binyuze mu magambo kugira ngo kigende. Amagambo uvuga buri muni ari kurema inzira mu mwuka zo kuzana abamarayika cyangwa abadayimoni. Imbaraga zo mu mwuka zigenda binyuze mu majwi no mu miyoboro bituruka muri ayo magambo. Iyo uje kureba umushumba umusaba "ijambo," icyo uba usaba ni umuyoboro wo kuzana ibintu byiza mu buzima bwawe.

Umuhanuzi Yoweli yatanze inzira yoroshye mbere y'intambara ya Isiraheli. Yaravuze ati : "Umunyantenge nke na we avuge ko ari intwari" (Yoweli 3:10). Ayo magambo yari ayo kubabera imbaraga mu gihe cy'intambara. Uyu muni, ushobora kwatura nawe n'akanwa kawe ko ukomeye, uri umutunzi ndetse n'umutsinzi. Ayo magambo ni umuyoboro ugufasha gutsinda mu buzima. Utataye ku cyo uri kumva mu mubiri wawe cyangwa icyo amafaranga asigaye muri banki yawe ari kuvuga, vuga uti, "Ndakomeye, ndi umukire, kandi mfite umugisha!" Uzasarura umusaruro mwinshi muri uyu mwaka mu Izina rya Yesu!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndakomeye, mfite imbaraga kandi ndi umutsinzi. Ntuye hejuru y'imbibi zose z'isi mu Izina rya Yesu Kristo. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 13: 5-6

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 19-21



**ABAROMA 10:17**

**Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo.**

MU isi y'umwuka, uzamurwa n'ubumenyi ufite. icyanditswe cyacu kitweruka ko kwizera cyangwa ubushobozi ubwo aribwo bwose bwo mu mwuka biva mu kumva amakuru. Bisa nk'aho ingano y'ubumenyi ufite ku Mana ingana n'ingano yo kwizera ufite. Ukwizera guke ni ingaruka zo kugira ubumenyi buke bwerekeye Kristo. Ijambo ry'Imana rikuzza inyama zifite imbaraga zo gukuraho imisozi yose ubona imbere yawe.

Igaburire ijambo ry'Imana maze ukuze inyama zawe z'umwuka. Bibiliya yawe ni nk'inzu yo gukorera imyitozo ngororamubiri y'Umwuka Wera: ibikoresho byose birimo ngo bitume uba igihangange mu mwuka. Uzasobanukirwa amabanga adasanzwe azatungura isi igukikije. Wige ijambo ry'Imana, ukure mu buntu no mu bumenyi bwa Yesu Kristo. Shakisha inzira zo gukura maze were imbuto mu bice bitandukanye by'ubuzima bwawe, haba mu mwuka no mu bifatika kandi uzabona amata n'ubuki bisendereye!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ubumenyi bw'Imana buri kwiyongera muri nyje. Inzira zanyje zuzuye umucyo n'icyubahiro. Ntunze ubutunzi bwanjye bwose mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Abaheburayo 10:23

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 22-24

**Zaburi 69:30**

**Nzashimisha izina ry'Imana indirimbo, Nzayihimbarisha ishimwe ry'ibyo yan-koreye.**

Iyo uhimbaje Imana, bisobanuye ko uba uri kubwira ibibazo byawe n'ibyo unyuramo gukomera kw'Imana yawe. Gusenga isengesho aho usobanurira Imana ibibazo byawe ntakindi bikora uretse kuba uri kubwira Imana ibibazo byawe gusa. Gukuza cyangwa guhimbaza Imana bivuze ko tuba dusubiye inyuma kuri bya bibazo kukabibwira ibyerekeye Imana yacu. Aka kanya, ufite Imana izi ibibazo byawe byose ariko ibibazo byawe byo ntibizi Imana yawe.

Uyu muni turahindura umukino. Bwira iyo ndwara iri mu mubiri wawe ko Imana yawe ikiza. Bwira uwo mwuka

w'ubukene ko Imana yawe itanga, ubwire n'ibiguca intege mu bitekerezo byawe ko Imana yawe ishoboye kugukura mu mukungugu ikagushyira ahantu hirengeye ugasangira n'abami. Hangana kandi uhagarike imbaraga za buri kibazo kiri mu buzima bwawe uhimbaza Imana kandi utangaza gukomera kwayo mu byo waba uri kunyuramo byose!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Imana yanjye irahambaye kandi ni inyambaraga; yicaye muri yo Ubwayo. Ni nziza cyane kandi ifite byose mu biganza byayo. Amen.**

### IBINDI BYANDITWE

Ibyakozwe n'intumwa 16:25

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyandiitswe cyawe cy'uuyu muni: 1 Abami 5-6, 2 Ingoma 2-3



**Gutegeka kwa kabiri 1:6**  
**Uwiteka Imana yacu yatubwiye i Horebu, iti: "Mumaze igihe kirekire bihagije kuri uyu musozi.**

Mu mazi yo mu kidendezi niho udukoko dutera indwara tworokera tukagwira. Imana yanga kuguma mu mwanya umwe kuko bibyara urwango, agasuzuguro n'intambara. Abantu bangana benshi ntibatera imbere ahubwo bagira ubuzima bwahagaze mu mwanya umwe butava aho buri. Abantu batsinda bo bahugiye mu kujya imbere kandi nta mwanya bafite wo guhanga amaso yabo mu bikorwa by'abandi.

Bibiliya ivuga ko tuva mu bwiza tujya mu bundi, bivuze ko urugendo rwacu rwo kwizera ari urwo kugenda. Ntabwo tuguma mu mwanya umwe. Ibitanga-

za twabonye mu cyumweru gishize ntibigereranywa n'ibyo turabona uyu muni n'ejo. Duhindura urwego rw'icyubahiro buri gihe. Nanjye ubwanjye narabyiboneye. Nyuma yo kuzuzza ibibuga no gukora ibitanga za bitandukanye, data, Pasiteri Chris, yarambwiye ati: "Ibyo wabonye mbere byose byari ugukina kw'abana." Wow! Ibyo bivuze ko hari icyubahiro gisumbyeho kiri kuza; ibyo nawe birakubera uko. Uko usoma iyi nyigisho, icyubahiro gisumbyeho, kimwe cy'umwuzuro w'amata n'ubuki, kiri kuza kuri wowe nonaha!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Mva mu bwiza njya mu bundi. Ubuzima bwanjye burimuka kandi buri muni nzabona ibitangaza bishya n'ubuhamya bushya mu Izina rya Yesu. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 3:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 7, 2 Ingoma 4





### 1 Timoteyo 4:15

Ibyo ujye ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bose.

Yesu, mu gihe cye, yageze aho abwira abamwumvaga ko niba batemera ubutumwa bwe, byibuze bagomba kwizera ibitangaza yakoraga. Ibitangaza ni iki? Ni ibihamya by'ibyo twemera. Ubutumwa Bwiza ntabwo buri mu magambo gusa ahubwo buri mu kwerekana imbaraga. Iyo imbaraga zerekanwe, zitanga ibimenyetso bifatika.

Bibiliya ihishura mu cyanditswe cy'uyu muni ko nituzirikana amategeko y'Imana, bitazarangirira aho, ahubwo inyungu zacu zizagaragarira bose. Ushobora gusabana n'Imana mwihereye, ariko kwigaragaza kwabyo

kuzabera ku mugaragaro. Mu gihe usoma iri jambo ukaritekerezaho, umwuka wawe urimo kwakira ikintu kizagaragarira mu magara yawe, ubucuruzi, amashuri no mu bice byose by'ubuzima bwawe. Uri umukristo werekana ibimenyetso. Ubuzima bwawe buzagaburirwa kandi buryohe nk'amata n'ubuki!

Uyu muni urabona igihamya cy'ibyo wemera!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi umukristo werekana ibimenyetso. Nzarama kugira ngo mbone ubwiza bw'Imana bugaragara mu buzima bwanjye. Haleluya.**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 4:20

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 8, 2 Ingoma 5



**Abaheburayo 6:10**

kuko Imana idakiranirwa ngo yibagirwe imirimo yanyu n'urukundo mwerukanye ko mukunze izina ryayo, kuko mwakoreraga abera na none mukaba mukibakorera.

Icyanditswe cyacu cyo hejuru gitanga ubusobanuro bw'ibanze bwo gukiranirwa, benshi bashobora kudashaka kumva. Gusa, bikugirira umumaro iyo kutamenya kwawe gukosowe. Bibiliya ivuga ko Imana "idakiranirwa" ngo yibagirwe, bivuze ko iramutse yibagirwa, yaba ibaye "ikiranirwa". Dukurikije iki cyanditswe, umuntu wese wibagirwa ikintu cyiza cyamukorewe "aba akiranirwa." Nta bundi busobanuro bwabyo.

Hari umuvandimwe wagufashije mbere, mu itorero aho wagaburiwe

kandi ugafashwa gukura mu mwuka, cyangwa n'umuyoboke ushobora kuba yaragufashije. Fata umwanya uyu muni wo kubashimira. Baha magare, bandikire, cyangwa ushake uburyo bwo kubereka ko ubashimira. Ndetse no kuvuga ijamba ryiza birahagije ngo ushimire umuntu. Hitamo kuba umukiranutsi utibagirwa imirimo myiza abandi bagukoreye mu buzima bwawe.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

Mfite gukiranuka kw'Imana, kandi sinzibagirwa abangiriye neza. Mbigize umuco wanjye kubaha no gushimira abafasha banjye bo kugera ku hazaza hanjye mu Izina rya Yesu. Amen.

**IBINDI BYANDITSWE**

Abefeso 5:20

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 6-7, Zaburi 136

**Luka 18: 1**

**Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntabwambirwe.**

Ibarura rifatwa nko kubara abaturage byemewe n'amategeko cyangwa inyigo y'abaturage. Ibihugu byinshi bikora ibarura mu bihe bitandukanye kugira ngo bimenye amakuru atandukanye. Bifasha ibihugu kugira ubumenyi rusange ku bijyanye n'imiterere y'abaturage bagituye, imiturire, amafaranga yinjizwa, n'ibindi. Hariho kandi n'ibarura ryo mu ijuru benshi batazi, kandi icyanditswe cyacu cy'uyu muni hari icyo kibihishuraho.

"Abantu bakwiye gusenga."

Mu magambo yoroheje, ukurikije iki cyanditswe, ugomba gusenga kugira ngo ufatwe nk'umuntu ku Mana. Umuntu wenyine ni we ushobora gusenga. Abadasenga Imana ntabwafata nk'abantu bayo. Ni mu masengesho yawe wandikwa mu gitabo nk'umuntu mw'isi y'umwuka. Imana yifuza gusabana nawe binyuze mu masengesho. Niba udasenga, uri ikiremwa kigendagenda kizerera ku isi. Gira gusenga ubuzima bwawe bwa buri muni, kandi uzabarurwa n'Imana.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Nzasenga ubudasiba. Amasengesho yanjye azazamuka nk'umubavu buri muni. Ubusabane bwanjye n'Imana ni byose, kandi nzabona gutemba guhebuje kw'amata n'ubuki kuva ku Mana mu Izina rya Yesu!**

### IBINDI BYANDITSWE

1 Abatesalonike 5:16

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Zaburi 134, 146-150





## 2 Abakorinto 5:17

**Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya.**

Abakristu benshi baracyatsimbaraye ku myumvire ya kera yuko Yesu yadupfiriye, bizera ko bamuteye gukomeretswa no kubambwa ku musaraba. Birababaje uburyo Umubiri wa Kristo wemera ubu busobanuro bwa kera, butarimo ihishurirwa. Mu by'ukuri, ntacyanditswe gihari cyitwemeza ko ari twe nyirabayazana y'urupfu rwa Yesu Kristo. Ntabwo turi intandaro y'urupfu rwa Kristo ahubwo turi icyavuye mu rupfu rwa Yesu Kristo. Ntabwo twatumye Yesu atotezwa ngo anabambwe; ahubwo twagaragaye nk'umusaruro wavuye muri ibyo byose.

Icyanditswe cyacu kivuga ko Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya. Ijambo 'gishya' ni ijambo ry'Ikigereki kainós, risobanura ikintu kitigeze kibaho mbere. Ntushobora kongera kubarwa mu bateye Kristo gupfa kuko uri ikinyabuzima cy'ubwoko bushya! Gendara mu mitekerereze yuko uri ikiremwa gishya kidafite aho gihuriye n'ibyaha byawe byahise kitagira inenge. Akira intangiriro nshya n'amahirwe mashya yo kugendera muri uyu mwaka w'amata n'ubuki!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ndi ikiremwa gishya muri Yesu Kristo kandi ibintu byose byanyje ni bishya. Nta kimenyetso cy'icyaha, ubukene cyangwa gutsindwa kiri muri nje, mu Izina rya Yesu. Amen..**

## IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:6

## UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsi: 1 Abami 9, 2 Ingoma 8

**Mariko 6:5**

**Nuko ntiyashobora kugira igitangaza ahakorera na kimwe, keretse abarwayi bake yarambitseho ibiganza arabakiza.**

Gakondo ni uguhererekanya imyizerere n'imigenzo biva mu gisekuru kimwe bijya mu kindi. Ni intsinzi itava aho iri. Abantu bubakiye kuri migenzo gakondo, yaba imyiza cyangwa imibi, kandi icyo baba cyose ni igaruka zabyo. Bibiliya itubwira ko Yesu atashoboye gukora igitangaza gikomeye ubwo yajyaga mu gihugu cye cy'amavuko. Menya ko Bibiliya itavuze ko atakoze, ahubwo ko "atashoboye", bivuze ko yabigerageje akananirwa. Nubwo yari Imana mu mubiri, hari ibintu yananiwe gukora kubera imyemerere gakondo. Batumye ijamba ry'Imana ritagira umu-

maro kubera imyizerere yabo.

Uyu muni ni umuni mushya. Ni umwanya wo kwitandukanya n'ubwoko bwose bw'imigenzo mibi. Wizere ibyo Imana ivuga byose nta gushidikanya. Nivuga ngo amafaranga araje, uko byagenda kose araje. Igihe isi itangaje ko uzabaho kugeza ku myaka runaka, shyiraho uburyo bushya bw'imigenzo yubaha Imana mu gisekuru cyawe, ubundi ureke isi imenye ko uzabaho igihe kirekire kugirango utangaze ibyiza by'Uwiteka.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Imigenzo gakondo mibi yose iri mu maraso yanjye iracitse uyu muni. Nizeye Imana ko hari ibihambaye mu Izina rya Yesu. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Mariko 7:13

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 25-26



**Itangiriro 13:15**  
**Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagihaha n'urubyaro rwawe iteka ryose.**

Uwiteka yabwiye Aburahamu ikintu gikomeye cyane, ati: " aho ushobora kureba, haraba ahawe." Hariho kubona mu kwizera. Niba ushobora kukibona, ushobora kukigira. Aburahamu yagombaga guhabwa ibyo yari gutekereza byose. Mu busanzwe, byari bigoye kuri Aburahamu kureba ngo arenze mu birometero magana abiri. Ku bw'ibyo, Imana yamuhamagariye gukoresha isi y'ibitekerezo. Nyuma yaho Aburahamu yari afite ibintu hafi ya byose biri ku isi, bivuze ko igihe yabwirwaga kureba, ntabwo yakoresheje amaso ye y'umubiri gusa, ahubwo yakoresheje ay'umwuka.

Ntugacibwe intege n'ibyo uri kunyuramo cyagwa se intege nke zawe zigaragara impande zawe. Bona ibirenze ibigaragara, kandi umenye ko niba ushobora kubibona, ushobora kubitunga rwose. Umwanzi ashobora kugerageza gushyira ibiguhumisha amaso hafi yawe kugira ngo utabona ibirenze ihungabana, uburwayi, cyangwa ubukene, ariko iri Jambo riri kugufungura amaso kugira ngo urebe kure. Uzatanga ubuhamya bw'amata n'ubuki yatembye mu bice byose by'ubuzima bwawe!

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Simpagarikwa mu buntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo. Binyuze mu buntu, ndeba ibirenze kamere yanjye mu Izina rya Yesu. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 4:18

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 27-29



**Abagataliya 4:19**

**Bana banjye bato, abo nongera kura-mukwa kugeza aho Kristo azaremerwa muri mwe.**

Mu myigishirize y'amashuri mu isi, iyo utsinzwe isomo cyangwa mu ishuri, ntiwemerwa kurangiza cyangwa kujya mu rwego rukurikiraho. Ni imikorere igena ibipimo by'uburezi hagamijwe gutanga abanyeshuri bahize abandi. Muri kaminuza y'Imana, naho ntushobora gusimbuka amashuri. Ugomba gutsinda amasomo yose kugeza ugeze ku rwego runaka. Niba bivuze ko ugomba gusubiramo, ugomba kubikora kugeza urangije. Iyo ubonye abajenerali b'Imana ukunda, uge wi-buka ko batisanze hejuru gusa, ahubwo banyuze mu byiciro byose kugeza bageze kuri urwo rwego.

Pawulo avuga ko Yesu azaremerwa muri wowe. Ibi byerekana ko hari abakristo bamwe bashobora kuba bafite ugutwi kwa Yesu gusa ntibagire umubiri we wuzuye. Ukure binyuze mu Ijambo ry'Imana, intambwe ku yindi, kugeza igihe Kristo azaremwa muri wowe. Uko ukura, uzagenda ubona umusaruro ushaka ugerwaho. Fata umwanya wo gukuza intambwe imwe n'urwego rumwe mu gihe cyabyo kugeza ubaye igihanda mu mwuka.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mpisemo gukura intambwe ku yindi binyuze mu Ijambo ry'Imana. Umwuka wanjye ufite ubushake n'umuhate byo gusobanukirwa Ijambo ry'Imana. Ndigukura mva mu bwiza bumwe njya mu bundi mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

2 Petero 3:18

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Umubwiriza 1-6

**Matayo 25:23**

Shebujja aramubwira ati 'Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja.

Nitugera mw' ijuru, Imana ntizakubaza ibitangaza yagukoreye. Ntanubwo izakubaza ibyo wungukiye mu buntu n'imbabazi byayo. Oya, Izakubaza icyo wakoreshije ubuntu n'ubukristo yaguhaye. Yitaye cyane ku nyungu ugirira iyi si mu gihe uyirimo. Umukino wanyuma niwo uzerekana imbere ya Shobuja nugera mw'ijuru. Ese azavuga ngo, "Wakoze neza, mugaragu mwiza kandi wizerwa?" cyangwa azabona umuntu wariraga asaba mu masengesho ye ya buri munsu?

Koresha uyu mwanya neza uzanira urumuri umuryango wawe, abo mukorana n'abantu bose bagukikije. Kiza ubugingo usangiza Ijambo unashishikariza umuntu kujya mu rusengeru. Uri hano ku bw'impamvu, rero wite ku musozo. Ugomba kuva muri iyi si ufite ikintu cyo kwerekana imbere ya Shobuja kugira ngo ubashe kwitwaga umugaragu mwiza kandi wizerwa.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

Navukiye kandi niteguye gukora umurimo wa Databuja. Ubugingo buzakizwa binyuze muri nje. Ndi umuhuza mu Izina rya Yesu.

**IBINDI BYANDITSWE**

Abafilipi 3:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu munsu: Umubwiriza 7-12



### 2 Abakorinto 4: 9

Turarenganywa ariko ntiduhānwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose.

Pawulo yavuze uburyo bwose bwo gutotezwa budukorerwa nk'abana b'Imana. Ariko ikintu cyiza yavuze nuko tudatsindwa cyangwa ngo duhanwe. Iyo isi idukandamije, bagomba kumenya icyo turemwe mo. Twavutse ku Mwuka, kandi tugaburirwa Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana niryo turemangingo twacu. Iyo ukanze urubuto rw'umwembe, igisohokamo ni umutobe w'umwembe. Kimwe n'izindi mbuto zose.

Iyo uhuye n'ibibazo by'ubuzima, iki-gomba kukuvamo ni "umutobe w'Ijambo" kuko tugizwe n'Ijambo ry'Imana.

Nta kintu kizaguhungabanya cyangwa ngo gihungabanye umuryango wawe kuko ushinze imizi mw'Ijambo ryayo. Uhagaze kuri Kristo Urutare rukomeye, kandi nta mwuzure cyangwa gutotezwa bizaguhungabanya mu Izina rya Yesu.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngizwe n'Ijambo ry'Imana kuko mpora nigaburira Ijambo ry'Imana. Sinzanyeganyezwa cyangwa ngo mpungabane kuko mfite Ijambo muri nje. Amen

### IBINDI BYANDITSWE

Matayo 4:4

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 10-11, 2 Ingoma 9



**Matayo 5:16**

**Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru.**

Iyo bije ku bicuruzwa, amatariki yo kurangiriraho aranga itariki y'igihe ikintu kitagomba kuribwa cyangwa ngo gikoreshwe. Ni iherezo ry'ubuziranenge bw'ikintu. Igihe n'ahantu bishobora gutuma ikintu kirangira. Kuri wowe nk'umuntu, hari imbaraga zishaka ko ugera ku iherezo ryawe. Iyi niyo mpamvu dufite abakozi b'Imana, minisiteri, ubucuruzi cyangwa ubwami byahozze bikomeye cyane, ariko ubu bikaba bisigaye ari amateka. Bahatiwe kugera ku iherezo n'imbaraga ziyoboye iyi si.

Bibiliya ivuga ko uri umucyo w'iyi si. Inshingano zawe ni ugukomeza kumurika kugeza Yesu Kristo agarutse. Reka urumuri rwawe rumurike kandi nturuzigere ruzima. Anga kugira iherezo ahubwo werekane ko ubuhanuzi bw'amata n'ubuki ari ukuri. Uko usabana n'Imana muri iri Ijambo no mu gusenga, ibintu byose bikwerekeye biragenda bisubirana. Ibyawe byose bizatsinda ikigerageze k'igihe kandi ntuzagira iherezo mu Izina rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Navukiye mu Ijuru. Imbaraga z'Imana ziri mu mwuka wanjye, mu bugingo no mu mubiri. Nzakomeza kwaka kandi sinzagira iherezo mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1 Timoteyo 4:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: Imigani 30-31



### Abagalatiya 2: 2

**Njyanyweyo n'ibyo nahishuriwe. Nuko mbasobanurira ubutumwa bwiza mbwiriza mu banyamahanga, icyakora mbubasobanurira abakuru bashimwa twiherereye ngo ntirukira ubusa, cyangwa ngo mbe narirukiye ubusa.**

Intumwa Pawulo iduha ibanga ryo gutsinda muri iki cyanditswe. Yaravuze ari: "Najyanyweyo n'ibyo nahishuriwe." Ihishurirwa rifungura amaso, mu mvugo nziza, rikuraho ibisa n'imboneranyi ku maso. Intsinzi ni umusaruro uva mu ihishurirwa ufite. Pawulo agaragaza uburyo wakoresha ngo uzamurwe: yajyanywe "hejuru" n'ibyo yahishuriwe, bitumenyeshya ko uburyo usobanukirwa Ijambo ry'Imana aribwo bukugenera Ijambo ry'Imana mu buzima.

Amafaranga yawe, amagara yawe, n'ubucuruzi byose bishingiye kw'ihishurirwa wakiriye. Kwakira ihishurirwa ni uburyo bwo kuzamurwa. Shakisha Ijambo ry'Imana muri byose, uzagaruka ufite ubuhamya! Mu gihe ujya ibwina mu Ijambo ry'Imana, ndetse guhera uyu muni, umucyo wo guhishurirwa uri kuza kuri wowe, kandi kuzamurwa ni ihame. Reka Ijambo ry'Imana rikubere igipimo ko kuzamurwa mu rundi rwego. Amata n'ubuki nib wo buhanuzi bwavuzwe kuri wowe, bukomereho! Ugume mu Ijambo, ari ryo Bibiliya yita Ubuhanuzi bw'ukuri, maze ubuzima bwawe ntibuzasubira uko bwahoze ukundi.

## IJAMBO RYA GIHANUZI

**Ijambo ry'Imana ni igipimo cyanjye cyo kuzamuka. Mfite iki-menyetso cy'intsinzi n'ubutware mu Izina rya Yesu. Amen.**

### IBINDI BYANDITSWE

Imigani 4: 20-23

### UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 12-14

**Abacamanza 6:12**

**Marayika w'Uwiteka aramubonekera aramubwira ati" Uwiteka ari kumwe nawe wa munyambaraga we, ugira n'ubutwari."**

Imana ikuzi kurusha uko wiyizi. Imenya imibereho myiza yawe kukurusha. Bibiliya ivuga ko Gidiyoni yari yihishe Abafilisitiya, bazaga buri gihe gusahura no gutwara umusaruro w'Abisirayeli. Kwihisha kwa Gidiyoni byari ikimenyetso cyo gutinya, ariko Imana ntiyamuvugishije igendeye kuko yiyumvaga cyangwa uko yibonaga. Ahubwo, Imana yamwise igendeye kucyo yari izi ko Gidiyoni ari: "umugabo w'umunyabaraga."

Gidiyoni ashobora kuba yaribajije ati, Ni ukubera iki Imana ibyise umunyembaraga, kandi nihishe abanzi? Igisubizo

ni uko iyo Imana ikurebye, ibona ibirenze ibyo ubona. Ushobora kwibona nk'inyenyeri iri kuzamuka cyangwa nk'umuntu uri kugerageza ngo arebe icyo yageraho, ariko Imana ikubona nk'igisubizo ku bibazo biri mu gihugu cyawe. Uri igihanda, ugendeye kucyo Imana ivuga. Rero, ntukemerere ibigukikije, aho ukomoka, cyangwa amashuri wize kugena uwo uri we. Wavukiye gutsinda mu Izina rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi umunyambaraga. Mfite imbaraga ziva mu ijuru kandi isi ntirabona ikintu gikomeye gihambaye kigiye kuva muri nyje. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

11 Petero 2:9

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 2 Ingoma 10-12



**Imigani 18:21**

**Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza. Abarukunda bazatungwa n'icyo ruza-na.**

Iyo uvuze amagambo, jya wibuka ko atari amagambo gusa aba asohoka mu kanwa kawe akajya mu mwuka. Amagambo uvuga afite imbaraga zo kurema ubuzima bwawe kuba bwiza cyangwa bubu. Ni yo mpamvu ugomba gushyira igipimo ku magambo uvuga. Shyira igipimo ku magambo asohoka mu kanwa kawe. Ibi ntaho bihurira nuko amarangamutima yawe ahagaze. Ahubwo ni ibyo kugira nga uce izira ubuzima bwawe bugenderamo ukoresheje amagambo yawe. Gutemba kw'amata n'ubuki kose ushaka kuri mu mbaraga ziri ku rurimi rwawe.

Uyu muni, hitamo kwatura ubuzima, amahoro, no gutera imbere. Ntukemerere amarangamutima yawe cyangwa uko umeze muri ako kanya guhindura ururimi rwawe. Ibintu byaba bimeze neza cyangwa bitameze neza cyane, atura ibyiza uko byaba bimeze kose. Ahazaza haze haragutegeje ngo wature iby'umumaro. Ururimi rwawe ni intwari yo guca inzira y'ahazaza hawe. Tegeka kandi wature gutemba kw'amata n'ubuki mu muni wawe, kandi uraza kubona kwigaragaza kw'iryo jambo.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndatura kandi ndategeka gutera imbere muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Nzabaho ubuzima butembamo amata n'ubuki mu izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 12:36-37

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni; 1 Abami 15, 2 Ingoma 13-16

**Abaroma 5: 5**

**Bene ibyo byiringiro ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasābye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahawe.**

Umuhamagaro w'urukundo ntabwo ari itegeko kuri twe abakristo b'isezerano rishya. Ntabwo dukorera muni y'amategeko n'amabwiriza. Urukundo ni kamere yacu. Wowe nanjye, ijambo ryacu riboneka mu cyanditswe cyo hejuru, "urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu." Ntabwo dukunda kuko ari itegeko ahubwo dukunda kwa kamere yacu. Imitima yacu yuzuyemo urukundo. Twibiye mu rukundo rwa Yesu; ku bw'ibyo, ntidukeneye gutegekwa gukunda. Bidusohokamo byoroshye nk'uko duhumeka.

Hitamo gukunda no kuzana ubwiyunge mu umuryango wawe n'inshuti. Nta mwanya uhari wo kubika inzika cyangwa kugira urwango. Yesu Kristo agiye kugaruka, nta gihe gihari cy'imikino no gushyamirana. Ugire urukundo muri byose n'igihe cyose; iyo niyo kamere y'umuntu ufite umutima wuzuye urukundo rw'Umwami wacu Yesu Kristo.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndakunda, si kubw'itegeko ahubwo ni kamere yanjye. Uyu muni na buri muni, mpisemo gukunda no kugirana amahoro n'abantu bose banzengurutse. Nikuyemo inzika n'urwango mu Izina rya Yesu.**

**IBINDI BYANDITSWE**

1Yohana 4: 8; Yohana 3:16

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 16, 2 Ingoma 17



**Iyakozwe N'intumwa 17:28**  
kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho, nk'uko bamwe bo mu bahimbi b'indirimbo banyu bavuze bati Turi urubyaro rwayo.

Iyo wikubise ku rukuta, urakomereka ndetse ukavunika ahantu hatandukanye bitewe n'ingaruka byakugizeho. Ariko nujya muri mashini yabigenewe, uzamenagura inkuta zose maze utambuke. Iyo uri muri icyo mashini yabigenewe, uba uzi ko nta nzitizi ikomeye yabasha kuguhagarika. Bibiliya itubwira ko tubaho, tugenda kandi turiho muri Yesu. Ibi bitubwira ko Yesu atari umuntu gusa ahubwo ko ari ahantu. Yesu ni we buturo bwacu, tugendera muri we.

Uri mu Muntu usumba imashini ime-nagura inkuta. Ntacyaguhagarika. Ubucuruzi bwawe ntibushobora guhakanwa n'umuntu uwo ariwe wese kuko uri mu Mbaraga zisumba izindi. Ibintu byose bikwerekeyeho bizatambuka byoroshye kuko ugendera mu kubaho gusumba byose, ari ko Umwami Yesu Kristo. Muri We, ntuneshwa kandi ntukorwaho. Ibintu byose bitamba nk'amata n'ubuki iyo ugumye ahantu heza cyane ariho mu Mwami Yesu Kristo!

## **IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Kristo ni we buturo bwanyje. Muri Yesu Kristo mbaho, ndagenda, kandi ndiho. Ntacyashobora kumpangara kuko ndi mu butware bw'ikirenga. Amen.**

### **IBINDI BYANDITSWE**

2 Abakorinto 5:17

### **UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 17-19



**Zaburi 119:130**

**Guhishurirwa amagambo yawe kuza-  
na umucyo, Guha abaswa ubwenge.**

Ijambo Illuminati rifitanye isano n'umuryango w'ibanga w'abantu bavuga ko bazi ibirenze abantu basanzwe bazi. Ni bande Illuminati b'ukuri? Izina ryabo rikomoka ku kumurika, rikaba risobanuye abazana urumuri. Bibiliya ivuga ko guhishurirwa Ijambo ry'Imana biza-na umucyo, kandi Imana ubwayo yatubwiye kureka urumuri rwacu ngo rumurike. Ibyo bivuze ko aritwe abazana urumuri b'ukuri. Turi umucyo muri iyi si!

Isi ntacyo iricyo itadufite, nitwe rumuri nyarwo. Turi Illuminati y'ukuri, abazana umucyo muri iyi si. Iyo isi idafite ibyiringiro, tuzana ibyiringiro no kwizera binyuze mu bumenyi bwa Yesu Kristo.

Uyu muni, binyuze mu Ijambo ry'Imana, umucyo wawe uri kwiyongera, kandi ibisubizo byose by'umuryango wawe bizabonerwa muri wowe. Uri muri wowe arakomeye kuruta uri mu isi. Sohoka werekane icyubahiro cy'Imana. Ni wowe shusho y'Imana y'ukuri, mu Izina rya Yesu!

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Ndi uzana umucyo w'ukuri. Mfite imbaraga ziva hejuru, kandi ibintu byose binzengurutse bifite umucyo. Inzira zanjye zirarabagirana kandi zinzanira amata n'ubuki mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Matayo 5:14

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 20-21



**1 Abakorinto 3:19**

**Mbese ntimuzi ko ubwenge bw'iyi si ari ubupfu ku Mana? Kuko byanditswe ngo ifegesha abanyabwenge uburiganya bwabo.**

Ubwenge ni igipimo cy'uko ufite uburambe, ubumenyi n'inraribonye. Isi ifite ibipimo byayo byo gupima ikigero cy'ubwenge bw'umuntu. Rimwe na rimwe bipimirwa mu mafaranga utunze, mu mashuri ufite cyangwa mu ijamba ugira mu bice bitandukanye by'ubuzima. icyanditswe cyacu cy'uyu muni cyerekana ko hari ubwenge buhanitse burenze ubw'ikiremwamuntu. Nubwo tugenda tubona ubuvumbuzi bwinshi bwakozwe kuri uyu mubumbe, haracyariho ubwenge bufatwa nk'ubuhanitse kurusha uburiho ubu.

Intumwa Pawulo ivuga ko ubwenge bw'iyi si mu by'ukuri ari ubupfu. Ntugomba kwizera cyangwa gushingira ku mikorere y'iyi si kuko ifite aho igarukira. Imana yonyine niyo ifite ubwenge bw'ikirenga. Ikoresha ubwenge bwayo, yashyizeho urufatiro rw'isi kandi itegeka ibintu byose kujya mu mwanya wabyo. Uko utekereza kuri iri Jambo ukanasenga, ubu ubwenge bw'Imana buri kwinjira mu mwuka wawe. Uzakoresha ubwenge buhanitse budashobora kunanirwa, mu Izina rya Yesu.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

**Mfite ubwenge buva hejuru. Uri muri nje arakomeye kuruta uri mu isi. Imbuta z'imirimo yanjye zihawe umugisha mu Izina rya Yesu. Amen.**

**IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 1: 5

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy'uyu muni: 1 Abami 22, 2 Ingoma 18

**Yohana 18:37**

Pilato aramubaza ati “Noneho ga uri umwami?” Yesu aramusubiza ati “Wakabimenye ko ndi umwami. Iki ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi: ni ukugira ngo mpamye ukuri, uw’ukuri wese yumva ijwi ryanjye.”

Intumbero ni ikintu cy’ingenzi kigeza umuntu ku ntsinzi. Iyo uzi impamvu uri guhumeka muri uyu munota, wita ku bintu bifite akamaro kurusha ibindi. Yesu yabwiye Pilato ati: “guhama ukuri nibyo byanzanye mu isi.” Yari azi impamvu yaje kuri iyi si, kandi yakomeje kwibanda kuri iyo mpamvu mu gihe cy’imyaka igera kuri itatu. Kubera iyo mpamvu, akamaro yagize karacyavugwa kugeza uyu muni.

Hitamo igifite akamaro mu buzima.

Wite ku bintu bigirira akamaro Ubwami bw’Imana. Nta mwanya uhari wo kuvuga ibidakwiye, gushyamirana no kubika inzika. Igihe kirageze ngo wamamaze Inkuru nziza y’Umwami wacu Yesu Kristo mbere yuko indege ya mbere ihaguruka (nukuvuga, mbere yo kuzamurwa cyangwa gutwarwa kw’abera). Koresha igihe cyawe neza: gira intumbero! Umuryango wawe, umurimo w’Imana n’ubucuruzi byose biragutegereje. Igihe kirageze cyo kwita kuri ibyo bintu bikugirira akamaro bikanakagirira Ubwami bw’Imana.

**IJAMBO RYA GIHANUZI**

Navukiye gutangaza Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Benshi bazabona umucyo binyuze muri njye. Intumbero yanjye iri kuri Kristo kugeza agarutse gutwara iforero, mu Izina rya Yesu. Amen.

**IBINDI BYANDITSWE**

Yakobo 1: 8

**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365**

Icyanditswe cyawe cy’uyu muni: 2 Ingoma 19-23





**“A GLOBAL VISION  
REQUIRES A GLOBAL  
BUDGET, BECOME A  
GOODNEWS DAILY  
PARTNER TODAY”**

---

**PROPHET  
UEBERT ANGEL**

[www.goodnewsworld.com/gndpartner](http://www.goodnewsworld.com/gndpartner)



# ESE WAKIRIYE YESU KRISTO?

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO  
UMWAMI W'UBUZIMA BWawe  
MU GUSENGA IRI SENGESHO;

O MWAMI IMANA, NJE IWawe MU IZINA RYA  
YESU KRISTO. NIZEYE N'UMUTIMA WANJYE  
WOSE MURI YESU KRISTO, UMWANA W'IMA-  
NA NZIMA. NIZEYE KO YAMPFIRIYE KANDI  
IMANA IKAMUZURA MU BAPFUYE. NIZEYE KO  
ARI MUZIMA UYU MUNSI. NDATAZA  
AKANWA KANJYE KO YESU KRISTO ARI  
UMWAMI W'UBUZIMA BWANJYE GUHERA  
UYU MUNSI. MURI WE NO MU IZINA RYE,  
MFITE UBUGINGO BUHORAHO; MVUTSE  
UBWA KABIRI. URAKOZE MWAMI, GUCUN-  
GURA UBUGINGO BWANJYE! UBU NDI  
UMWANA W'IMANA. HALELUYA!

MBEGA IBYISHIMO! UBU UBAYE UMWANA  
W'IMANA.

To receive more information on how you can grow  
as a Christian, please get in touch with us on

**UK: +44 3333 448 612 / USA +1240 781 6942**  
**RSA +27 51 004 0209**

[www.uebertangel.org](http://www.uebertangel.org) | [www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)

# ICYANDITSWE CY'UBURINZI

## YESAYA 54:

**14** NUBATSWE NKOMEYE, NSHINZWE MU GUKIRANUKA. KURE Y'IKIBAZO CY-  
OSE—NTACYO GUTINYA! KURE Y'BITEYE  
UBWOBA —NTABWO BIZANANYEGERA!

**15** UMUNTU UWARI WE WESE NANTERA,  
NTABWO NZATEKEREZA NA RIMWE KO ARI  
IMANA YABOHEREJE. KANDI UMWE NAN-  
TERA, CYAKIZAVAMO.

**16** IMANA YAREMYE UMUCUZI UTWIKI IN-  
YUNDO YE, AGAKORA INTWARO YAGE-  
NEWE KWICA. NI NAYO YAREMYE UMURIM-  
BUZI.

**17** ARIKO NTA NTWARO YAGIRA ICYO INT-  
WARA YIGEZE ICURWA. UWO ARI WE WESE  
UNDEGA AZIRUKANWA NK'UMUNYABINYO-  
MA. NDI UMUKOZI W'IMANA KUGIRA NGO  
ICYO NATEGEREZA, KO IMANA IZAKORA KU  
BURYO BURI KINTU GIKORERA KUZANA  
IBYIZA BIRUSHA IBINDI BYOSE KU BWANJYE.

**IBI NI BYO IMANA IMVUGAHO  
NTABWO BIZAPFUBA MU IZINA RYA YESU!**

TRANSLATED FROM THE MESSAGE BIBLE IN ENGLISH







# SUBSCRIBE TO OUR YOUTUBE CHANNEL




**GoodNews Daily Devotional**  
1,045,342 views

 36K  0K



**GoodNews Daily  
Devotional**  
100K Subscribers

Subscribed 

Like  Comment  Share 



SCAN  
ME



**TheGoodNewsWorld Helplines**

**USA: +1 (240) 781-6942**

**UK: +44 333 344 8612**

**RSA: +27 (51) 004-0209**

[www.goodnewsworld.com](http://www.goodnewsworld.com)